

REPUBULIKA Y'U RWANDA



P.O. BOX 2197 KIGALI

IMIRONGO YATANZWE MU MANZA  
ZACIWE N'URUKIKO RW'UBUJURIRE MU  
KWEZI K'UKUBOZA 2022 N'UKWA  
MUTARAMA, 2023

**N° 4**

**IMIRONGO YATANZWE MU MANZA ZACIWE  
N'URUKIKO RW'UBUJURIRE MU KWEZI  
K'UKUBOZA 2022 N'UKWA MUTARAMA, 2023**

## ISHAKIRO

<b>IJAMBO RY'IBANZE</b> .....	7
<b>I. IRIBURIRO</b> .....	8
<b>II. IMANZA Z'INSHINJABYAHA</b> .....	9
<b>1. ICYAHA CYO GUSAMBANYA UMWANA N'ICYAHA CYO GUKOresha UNDI IMIBONANO MPUZABITSINA KU GAHATO</b> .....	9
1. Impamvu z'ubujurire - guhindura imiburanire yashingiweho icyemezo mu rubanza rwajuririwe - ubwo bujurire burakirwa urukiko rukemeza ko nta shingiro bufite.....	9
<b>2. ICYAHA CYO GUKUBITA CYANGWA GUKOMERETSA KU BUSHAKE</b> .....	11
1. Gukubita cyangwa gukomeretsa byateye urupfu - uregwa iki cyaha aba yagize ubushake bwo gukora ibikorwa bibujijwe bikaza kuvamo urupfu ariko ataricyo yari agamije. ....	11
<b>3. ICYAHA CYO KUREMA UMUTWE W'ABAGIZI BA NABI</b> .....	13
1. Ubwinjiracyaha - ibikorwa biranga ubwinjiracyaha - ni ibikorwa bifatika biranga umugambi wo gukora icyaha byageze mu cyiciro cy'intangiriro yacyo (phase d'execution) kandi bikorewe aho icyaha cyagombaga gukorerwa. ....	13
2. Kurema umutwe w'abagizi ba nabi - umugambi wihariye wo kurema umutwe w'abagizi ba nabi - Ubushinjacyaha bugomba gutanga ibimenyetso byerekana ko abakurikiranweho icyo cyaha bashinze umutwe ugamije gukora ibyaha. ....	15
<b>4. ICYAHA CYO KWICA UMWANA WIBYARIYE</b> .....	17
1. Imanza z'inshinjabyaha - kwica umwana yibyariye - ibiranga icyaha cyo kwica uwo yibyariye - kuba umwana atarengeje amezi cumi n'abiri (12), no kuba ubwenge bwa nyina butarakoraga neza bitewe n'ihungabana ryo mu mutwe.....	17
<b>5. ICYAHA CYO KWIGWIZAHU UMUTUNGO</b> .....	19
1. Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane - ibitaraburanyweho mu rubanza rusubirishwamo - ntibishobora kuba impamvu ituma urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane. ....	19
2. Kwigwizaho umutungo - ibiranga icyaha cyo kwigwizaho umutungo - kuba uregwa afite umutungo urenze uwo akwiye kuba afite hakurikijwe ubushobozi afite, kandi adashobora kugaragaza ko yawukomoye mu nzira zinyuze mu kuri kandi zemewe n'amategeko.....	21

3. Kwigwizaho umutungo – itangwa ry’ibimenyetso - Ubushinjacyaha nibwo bufite inshingano yo kugaragaza ko uregwa afite umutungo urenze uwo yagombye kuba afite – uregwa we afite inshingano yo kugaragaza inkomoko yawo. ....	23
<b>III. IMANZA MBONEZAMUBANO</b> .....	24
<b>1. GUTESHA AGACIRO CYAMUNARA</b> .....	24
1. Imiburanishirize y’imanza - gukosora amakosa y’imyandikire - hakosorwa amakosa yakozwe n’umucamanza – hashobora no gukosorwa amakosa yakozwe n’umuranyi iyo umucamanza ayasubiyemo kuko atabigenzuye neza. ....	24
<b>IV. IMANZA ZASHINGIYE KU MIRONGO IMENYEREWE</b> .....	26
1. Umwana utarageza ku myaka 14 – iyo hari impamvu nyoroshyacyaha – kudahatirwa gutanga igifungo cya burundu. ....	26
2. Kutabuzwa gutanga igihano kiri munsu y’igihano gito giteganywa n’itegeko - impamvu nyoroshyacyaha – iyo urukiko rwemeye impamvu nyoroshyacyaha – ntirubujijwe gutanga igihano gito giteganywa n’itegeko iyo rusanga aricyo gikwiranye n’icyaha cyakozwe. ....	28
3. Ukwemera icyaha - ukwemera icyaha kugira agaciro - ni ugukozwe byibura mbere y’uko iburanisha ku rwego rwa mbere ripfundikirwa, kudashidikanywaho, kandi uwemera agaragaza ko yumva uburemere bw’ibikorwa yemera n’ingaruka zabyo, abyicuza, abisabira imbabazi no kuba yiteguye gusubiza ibyo yangije uko abitegerejweho. ....	35
4. Ukwemera icyaha bwa mbere mu bujurire - ntibigirira akamaro uregwa.....	38
5. Imanza z’inshinjabyaha - kudategekwa kugabanya igihano - kwemera impamvu nyoroshyacyaha - Urukiko ntirutegetswe kugabanya igihano niyo rwaba rwemeye impamvu nyorashyacyaha.....	42
6. Ingaruka z’icyaha – ntiziba impamvu yo kugabanya igihano. ....	46
7. Ugushidikanya - Gushidikanya kurengera uregwa - agirwa umwere ku cyaha akurikiranyweho. ....	47
8. Kwemera icyaha mu iperereza - kugihakana mu iburanisha - ubwabyo ntibitesha agaciro uko kwemera.....	50
9. Kwemera icyaha - si ikimenyetso cyihagije ngo uregwa ahamwe n’icyaha, ahubwo ni ikimenyetso mu bindi, kigira akamaro iyo giherekejwe n’ibindi bimenyetso bihuje n’ikiburanwa.....	52
10. Gutsindwa ku mpamvu zimwe - impamvu zimwe - impamvu zimwe zisuzumirwa mu bisubizo byatanzwe ku mpamvu z’ubujurire hagereranywa ibyavuzwe mu rubanza rujuririrwa n’ibyavuzwe mu rwego rw’ubujurire kuri izo mpamvu.....	53
11. Kugabanya igihano – kutabuzwa kongera kugabanya igihano mu bujurire – Urukiko rwajuririwe ntirubujijwe kongera kugabanya igihano mu gihe rusanze	

icyatanzwe n'Urukiko rubanza kitagabanyijwe mu buryo buhagije, ubirebeye hamwe n'uburemere bw'icyaha cyakozwe.....	57
12. Kongera kugabanya igihano mu bujurire - uregwa ntiyongera kugabanyirizwa ibihano, iyo mu bujurire Urukiko rusanga yarabigabanyirijwe bihagije, harebwe uburemere bw'icyaha n'uburyo icyaha cyakozwemo, kandi ntacyo runenga urubanza rwajuririwe. ....	60
13. Kugabanya igihano mu bujurire – igihe impamvu z'ubujurire nta shingiro - nta cyabuza Urukiko kugabanyiriza igihano uregwa, hagamijwe gutanga igihano gihwanye n'uburemere bw'icyaha kabone n'ubwo iby'igihano byaba bitaburanyeho n'impamvu z'ubujurire zitahawe ishingiro. ....	64
14. Kujuririra urubanza – ibihe by'ubujurire - agaciro k'impamvu z'ubujurire zitanzwe mu myanzuro y'inyongera nyuma y'igihe cy'ubujurire – ntizigomba kwakirwa uretse igihe zuzuza cyangwa zisobanura izatanzwe mu bihe byemewe byo kujurira. ....	65
15. Kujurira – ibihe by'ubujurire – kumenyesha imikirize y'urubanza - umuburanyi utaritabiriye isomwa ry'urubanza - umuburanyi wari uhibereye cyangwa wari uhagarariwe urubanza rupfundikirwa ibihe byo kujurira bitangira kuburwa haherewe ku gihe urubanza rwaciriwe. ....	68
16. Gukubita no gukomeretsa byateye urupfu – ubwicanyi - gutandukanya ibyaha – gutandukanya ibi byaha bisuzumirwa mu cyakoreshejwe (intwara ishobora kwica) mu kumukubita no ku gice cy'umubiri cyakubiswe (mu cyico). ....	69
17. Imanza z'inshinjabyaha – guhindura inyito y'icyaha mu bujurire – kutabuzwa guhindura inyito y'icyaha – igihe icyo aricyo cyose umucamanza afite uburenganzira n'inshingano byo guhuza inyito y'icyaha n'ibikorwa bigize icyaha. ....	71
18. Ubuhamya – Agaciro k'ubuhamya bushingiye ku mvugo z'umwana utarageza ku myaka 14 – ntibugomba gushingirwaho iyo butunganiwe n'ibindi bimenyetso. ....	73
19. Ubuhamya bwemewe - ubuhamya butanzwe n'abakorewe icyaha n'abo bafitanye isano - Urukiko nirwo rusuzuma ireme ry'ubuhamya rushingiye ku bumenyi bw'ababutanga n'uburyo basobanura ibyo biboneye cyangwa bumvise, rukabigereranya n'ibindi bimenyetso. ....	74
20. Guhamwa no gucuruza ibiyobyabwenge - gucuruza ingano nto - kugabanyirizwa ibihano - uwahamwe no gucuruza ibiyobyabwenge ashobora kugabanyirizwa igihano mu rwego rwo guhuza igihano n'uburemere bw'icyaha. ...	76
21. Guhinga cyangwa kubika urumogi ruke - ntibifatwa nko guhinga cyangwa kubika urumogi bivugwa mu ngingo ya 263 igika cya 3 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyaga ibyaha n'ibihano muri rusange – bifatwa nk'uwari ugamije kubyikoreshereza - agahabwa igihano gito. ....	77
22. Umucuruzi w'Ibiyobyabwenge - ibimenyetso by'uko ari umucuruzi wabyo - kutaba ngombwa ko asanganwa abaguzi - igihe cyose abifatanywe kandi bigaragara ko yiteguye kubiha umuntu wese umugana ashaka kubigura, aba ari umucuruzi wabyo. ....	78

23. Imanza z'inshinjabyaha - impamvu z'ubujurire - ese umuburanyi wagabanyirijwe igihano ashobora kujurira agamije gusaba gusa ko yongera kugabanyirizwa? - buri mucamanza ku rwego urwo arirwo rwose, yemerewe gutanga igihano mu bushishozi bwe kijyanye n'uburemere bw'icyaha ndetse n'ingaruka zacyo ariko mu bujurire Umucamanza agomba kuzirikana ko yemerewe gusa guhindura igihano cyatanzwe, ari uko amaze kugaragaza ko urukiko rubanza rwaba rwarakoresheje itegeko cyangwa ubushishozi bwarwo nabi mu gutanga icyo gihano. ....	79
24. Imanza z'inshinjabyaha - ubusembure - igisobanuro cy'ubusembure - kugira ngo igikorwa cyitwe icy'ubusembure ni uko uwakorewe icyaha aba ari we wabaye nyirabayazana wacyo. ....	81
25. Iteka rya Minisitiri risobanura itegeko - igihe ritangirira gukurikizwa - rifatwa nk'igice cy'itegeko risobanurwa, rikaba rigomba gukurikizwa kuva umunsi itegeko risobanurwa ryatangajwe mu Igazete ya Leta. ....	82
26. Imanza z'inshinjabyaha - alibi (sinari mpari)- uburanisha alibi (sinari mpari) - niwe ugira inshingano yo kugaragaza ko atashoboraga gukora icyaha aregwa, kuko atari ari aho cyakorewe igihe cyakorwaga. ....	83
27. Kugabanya igihano - impaka ku kugabanya igihano kugera munsi y'igihano gito giteganywa n'itegeko - ntibikwiye kongera kugibwaho impaka mu nkiko, kuko byafashweho umurongo mu manza zitandukanye hemezwa ko ntagikwiye kubuza umucamanza kugena igihano gihwanye n'uburemere bw'icyaha cyakozwe. ....	84
<b>V. ITANGWA RY'IBIHANO</b> .....	85
<b>1. Imanza zagabanyije igihano</b> .....	85
<b>2. Imanza zagumishijeho igihano cyari cyatanzwe</b> .....	99
<b>3. Imanza abaregwa bagizwemo abere/zakuyeho uburyozwacyaha</b> .....	104
<b>VI. UMWANZURO</b> .....	107

## **IJAMBO RY'IBANZE**

Mu rwego rwo gukomeza kubaka ubutabera bushingiye ku mirongo yatanzwe hagamijwe gufata abantu kimwe ku buryo abahuje ibibazo babona ibisubizo bisa no kwirinda imanza zitari ngombwa mu nkiko, Urukiko rw'Ubujurire runejewe no kubagezaho ku nshuro ya kane imirongo yatanzwe mu manza zaciwe.

Ababuranyi (Abavoka, Abashinjacyaha), abacamanza n'abashakashatsi mu nkiko, basabwe kujya bayisoma kugira ngo twese hamwe dufatanye guteza imbere no gushimangira uyu mucu, wo gutanga ibisubizo bimwe ku bibazo bisa.

Tuboneyeho kandi gusaba ababuranyi (Abashinjacyaha n'Abavoka) kuburana bifashishije iyi mirongo, nk'ikimenyetso kitagibwaho impaka gihamya ukuri kw'iby bavuga, igihe basanze bihujwe koko n'ibivugwa mu manza ziri muri iyi nyandiko.

Turasaba Abacamanza kwita kuri iyi mirongo mu manza baca tunabibutsa ko batemerewe kunyuranya nayo kimwe n'indi yatanzwe n'izindi nkiko uko zigenda zisumbana nk'uko biteganywa mu mabwiriza ya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yo ku wa 15 Werurwe 2021.

Tuboneyeho kandi gukangurira ababuranyi ko igihe basanze haratanzwe umurongo batemeranya nawo ku kibazo runaka kandi bakaba bahatirwa kuwukurikiza hashingiwe ku mahame agenga imicire y'imanza zishingiye ku mirongo yatanzwe mu manza (Precedents), bajya bibuka kubiregera Urukiko rw'Ikirenga kugira ngo ruwuhindure nk'uko biteganywa n'ingingo ya 65 n'ya 73 y' Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko. Naho igihe utarahinduka, ntacyo bimaze kuburana ushaka kumvikanisha ko utemeranya na wo imbere y'Urukiko ruri muni y'urwawutanze.

Turabashimiye.

**RUKUNDAKUVUGA François Régis**

**Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire**

## **I. IRIBURIRO**

Aka gatabo gakubiyemo imirongo yatanzwe n'Urukiko rw'Uburire mu kwezi k'Ukubonza 2022 na Mutarama 2023 iri mu byiciro bikurikira:

### **➤ IMANZA NSHINJABYAHA**

1. Icyaha cyo gusambanya umwana n'icyaha cyo gukoresha undi imibonano mpuzabitsina ku gahato (umurongo 1)
2. Icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake (umurongo 1)
3. Icyaha cyo kurema umutwe w'abagizi ba nabi (imirongo 2)
4. Icyaha cyo kwica umwana wibyariye (umurongo 1)
5. Icyaha cyo kwigwizaho umutungo (imirongo 3);

### **➤ IBIREGO MBONEZAMUBANO**

1. Gutesha agaciro cyamunara (umurongo 1)

### **➤ IMANZA ZASHINGIYE KU MIRONGO IMENYEREWE**

- ✓ Habonetse imirongo 27.



## II. IMANZA Z'INSHINJABYAHA

### 1. ICYAHA CYO GUSAMBANYA UMWANA N'ICYAHA CYO GUKOresha UNDI IMIBONANO MPUZABITSINA KU GAHATO

1. Impamvu z'ubujurire - guhindura imiburanire yashingiweho icyemezo mu rubanza rwajuririwe - ubwo bujurire burakirwa urukiko rukemeza ko nta shingiro bufite.

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RPAA 00546/2021/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 20/1/2023 haburana Ubushinjacyaha na BIZIMANA Joseph (igika cya 18).

**Ikibazo cyasuzumwe:** Uwajuriye yaburanye ahakana icyaha mu manza zabanje. Mu bujurire bwa kabiri aburana avuga ko yemera icyaha noneho, anasaba ko byashingirwaho agabanyirizwa igihano.

#### **Ingingo y'itegeko umurongo ushingiyeho:**

✓ Ingingo ya 183, agace ka gatanu n'aka gatandatu y'itegeko y'itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya ko *“Ubujurire bukorwa mu buryo bw'umwanzuro utanga ikirego, ugizwe n'urutonde rw'inenge z'urubanza zisabirwa gukosorwa n'ibindi bibazo bigomba gusuzumwa, ibisobanuro kuri buri nenge cyangwa kuri buri kibazo bigaragaza amakosa yakozwe n'uburyo agomba gukosorwa, hashingiwe ku mategeko n'ibimenyetso n'igisabwa Urukiko”*.

**Imvano y'ikibazo:** Muri uru rubanza BIZIMANA Joseph yaregwaga n'Ubushinjacyaha kuba yarasambanyije umwana w'imyaka 17 witwa UWURUKUNDO Tidjara. Uregwa yaburanye mu nkiko zibanza ahakana icyaha avuga ko ntaho yahuriye n'uwo bivugwa ko yasambanyije.

Mu bujurire bwa kabiri, BIZIMANA Joseph yajuriye avuga ko agamije kwemera icyaha no gusaba kugabanyirizwa igihano kuko nta gihe ntarengwa cyo kwemera

icyaha. Urukiko rushingiye ku biteganywa n'Itegeko mu ngingo yagaragajwe haruguru, rusanga ubujurire bwa BIZIMANA Joseph ntacyo bunenga urubanza rwajuririwe kandi yari afite inshingano yo kugaragaza inenge zirukubiyemo asaba ko zakosorwa n'Urukiko rw'Uburujire, rubishingiraho rwemeza ko hahamyeho imikirize y'urubanza rwajuririwe.

**Umurongo watanzwe:** Uwajurije afite ishingano yo kugaragaza ukwibeshya kwakozwe n'Urukiko rubanza gushingiye ku mategeko cyangwa ku byabaye kwatumye urubanza rujuririrwa rucibwa nabi cyangwa kwatuma ruta agaciro. Iyo atabikoze ubwo bujurire burakirwa, urukiko rukemeza ko nta shingiro bufite.

**Izindi manza zafashwemo uyu murongo:**

❖ Urubanza N° RPAA 00616/2021/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 30/11/2022 haburana Ubushinjacyaha na NSANZUWERA Aphrodis (igika cya 23).

❖ Urubanza N° RPAA 00463/2021/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Uburujire ku wa 27/1/2023 haburana Ubushinjacyaha na MUHOZA Anicet (igika cya 10).

❖ Urubanza N° RPAA 00497/2021/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Uburujire ku wa 27/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na HABIMANA Jérôme (igika cya 21).

❖ Urubanza N° RPAA 00559/2021/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Uburujire ku wa 27/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na NABIBWIYIMANA Emmanuel (igika cya 29)

❖ Urubanza N° RPAA 00181/2022/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Uburujire ku wa 27/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na NIYOMUGABO François (igika cya 14)

**Urubanza ruyoboye izindi (Leading case):** Urubanza ruyoboye izindi ni Urubanza N° RPAA 00616/2021/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa

30/11/2022 haburana Ubushinjacyaha na NSANZUWERA Aphrodis kuko arirwo rwaciwe mbere.

## 2. ICYAHA CYO GUKUBITA CYANGWA GUKOMERETSA KU BUSHAKE

1. Gukubita cyangwa gukomeretsa byateye urupfu – uregwa iki cyaha aba yagize ubushake bwo gukora ibikorwa bibujijwe bikaza kuvamo urupfu ariko ataricyo yari agamije.

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RPAA 00114/2022/CA, rwaciwe ku wa 27/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na NDAYAMBAJE Felicien (igika cya 13).

**Ikibazo cyasuzumwe:** Itandukaniro riri hagati y'icyaha cy'ubwicanyi budaturutse ku bushake n'icyo gukubita cyangwa gukomeretsa byateye urupfu?

### **Ingingo umurongo ushingiyeho:**

✓ *Ingingo ya 111 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyaga ibyaha n'ibihano muri rusange iteganyaga ibikorwa: “Umuntu wica undi bw'ububuraburyo, uburangare, ubushishozi buke, umwete muke, kudakurikiza amabwiriza cyangwa ubundi buteshuke bwose ariko adafite umugambi wo kumwica, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano”.*

✓ *Ingingo ya 121 igika cya mbere n'icya gatanu y'iryo tegeko iteganyaga ibikorwa: “Umuntu wese, abishaka, ukomeretsa undi, umukubita cyangwa umusagarira ku buryo bwa kiboko bubabaje aba akoze icyaha. (...) Iyo gukubita cyangwa gukomeretsa byateye urupfu, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka cumi n'itanu (15) ariko kitarenze imyaka makumyabiri (20) n'ihazabu*

*y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni zirindwi (7.000.000 FRW)".*

**Imvano y'ikibazo:**

Ubushinjacyaha bwareze NDAYAMBAJE Felicien mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma icyaha cy'ubwicanyi yakoreye umuvandimwe we witwa NZITONDA Jean Damascène. Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma rushingiye ku kuba NDAYAMBAJE Felicien yaraburanye yemera ko yakubise mukuru we NZITONDA Jean Damascène urushyi n'umugeri mu mugongo akagwa hasi yubamye agahita apfa no ku bindi bimenyetso, rwemeza ko ahamwa n'icyaha cy'ubwicanyi, rumuhanisha igifungo cy'imyaka 25, iki gihano akaba ari nacyo cyemejwe n'Urukiko Rukuru rwajuririwe.

NDAYAMBAJE Felicien yajuriye bwa kabiri mu Rukiko rw'Ubujurire avuga ko yemera icyaha akagisabira imbabazi, asaba kugabanyirizwa igihano kuko nta mugambi wo kwica mukuru we yari afite, ko ahubwo ibyabaye ari impanuka. Mu myanzuro y'inyongera yakozwe n'umwunganizi we mu mategeko yasabye kandi ko inyito y'icyaha yahinduka aho kuba icyaha cy'ubwicanyi akaregwa icyaha cy'ubwicanyi budaturutse ku bushake. Ku bijyanye no guhindura inyito y'icyaha Ubushinjacyaha bwo bwavuze ko bushingiye ku bikorwa byakozwe n'uregwa bitakwitwa kwica bidaturutse ku bushake kuko bitujuje ibiteganywa n'itegeko, ahubwo busanga **icyaha akwiye guhanirwa ari icyo gukubita cyangwa gukomeretsa byateye urupfu.**

Urukiko rw'Ubujurire nyuma yo gusesengura icyo ingingo z'amategeko zagaragajwe haruguru zumvikanisha, **rwatanze umurongo rusobanura itandukaniro riri hagati y'icyaha cy'ubwicanyi budaturutse ku bushake n'icyo gukubita no gukomeretsa byateye urupfu**, bityo rushingiye ku bikorwa byakozwe rusanga icyaha gikwiye guhama uregwa ari icyaha cyo gukubita no gukomeretsa byateye urupfu aho kuba icyaha cy'ubwicanyi.

**Umurongo watanzwe:** Itandukaniro riri hagati y'icyaha cy'ubwicanyi budaturutse ku bushake n'icyo gukubita cyangwa gukomeretsa byateye urupfu ni uko icyaha cy'ubwicanyi budaturutse ku bushake ukiregwa nta bushake bwo gukora igikorwa kibujijwe aba yagize n'ubwo ibikorwa bye bigira ingaruka zitera urupfu; mu gihe ikindi, ukiregwa aba yagize ubushake bwo gukora ibikorwa bibujijwe bikaza kuvamo urupfu ariko ataricyo cyari kigamijwe.

### **3. ICYAHA CYO KUREMA UMUTWE W'ABAGIZI BA NABI**

**1. Ubwinjiracyaha – ibikorwa biranga ubwinjiracyaha – ni ibikorwa bifatika biranga umugambi wo gukora icyaha byageze mu cyiciro cy'intangiriro yacyo (phase d'execution) kandi bikorewe aho icyaha cyagombaga gukorerwa.**

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RPA 00098/2020/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Uburundi ku wa 06/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na Cpl SHYAKA Védaste n'undi (igika cya 26).

**Ikibazo cyasuzumwe:** Kumenya niba umugambi wo gukora icyaha wafubiyemo mu nzira benewe bataragera aho icyaha cyagombaga gukorerwa wakwitwaga ubwinjiracyaha?

**Ingingo umurongo ushingiyeho:** *Ingingo ya 21 igika cya mbere, y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigena ibyaha n'ibihano muri rusange, iteganya ibikorwa: "Ubwinjiracyaha buhanirwa iyo umugambi wo gukora icyaha wagaragajwe n'igikorwa kimwe cyangwa byinshi biboneka, bidashidikanywaho, by'intangiriro y'icyaha biganisha ku ikorwa ryacyo, nyuma bigahagarikwa, bikabuzwa kugera ku cyifuzo cyangwa bikazitirwa n'impamvu zidakomoka ku bushake bwa nyir'ugukora icyaha".*

**Imvano y'ikibazo:** Urukiko Rukuru rwa Gisirikare rwahamije Cpl SHYAKA Védaste, Pte UKWIBISHAKA Théogène na Pte TWIZEYIMANA Dieudonné ubwinjiracyaha mu cyaha cy'ubujura bukoreshajwe intwari n'icyaha cyo kurema umutwe w'abagizi ba nabi, kuri Cpl SHYAKA Védaste, hiyongeraho

n'icyaha cyo kwiba ibikoresho bya Gisirikare, abaregwa bakaba bari bagambiriye kwiba mu kabari ka MUZINDUTSI kitwa "Rion de Gikondo Bar", gaherereye i Gikondo. Urukiko rwahanishije Cpl SHYAKA Védaste igifungo cy'imyaka 15, naho Pte UKWIBISHAKA Théogène na Pte TWIZEYIMANA Dieudonné, buri wese ahanishwa igifungo cy'imyaka 10.

Cpl SHYAKA Védaste yajuririye Urukiko rw'Ubujurire avuga ko mu kumuhanya ibyaha hashingiwe ku nyandiko mvugo yakoreshejwe ku gahato, anenga no kuba hatarakozwe iperereza ku gihe kirenga ukwezi yamaze afunguwe ahantu hatazwi no kuba yarahanishijwe ingingo zikomeye ku cyaha cyo gutunga imbunda mu buryo butemewe. Pte TWIZEYIMANA Dieudonné yajuririye asaba gushishoza ku nyandiko yakoreshejwe ku gahato bigatuma yemera icyaha atakoze, avuga ko akwiye kugirwa umwere.

Mu isesengura Urukiko rw'Ubujurire rushingiye ku biteganywa n'itegeko ku nyandiko z'abahanga no kumanza zaciwe mu bindi bihugu; rurasanga kugira ngo Urukiko rwemeze ko habayeho **ubwinjira bwuzuye kandi bukwiye guhanwa, bigaragarira mu kumenya ko ibikorwa byagezweho byafatwa nk'intangiriro y'icyaha cyangwa niba bikwiye gufatwa nk'ibikorwa bitegurira icyaha, kandi ko ibikorwa bitegurira icyaha bidahanirwa.**

Rusanga, mu guhamya abajuriye ubwinjiracyaha mu bujura bukoreshwe intwari, Urukiko Rukuru rwa Gisirikare rwarashingiye ku kuba abashinjwa ubwabo bariyemereye ko bagize umugambi wo kujya kwiba mu kabari ka MUZINDUTSI kitwa "Rion de Gikondo Bar", gaherereye i Gikondo, bagashaka imbunda yo gukoresha, ariko igikorwa kikaburizwamo no kuba imvura nyinshi yaraguye mu ijoro ryo ku wa 05/03/2018, bituma aba bagarukira i Remera, ntibashobra gutsotsoba icyaha.

Urukiko rusanga, **kugambirira kwiba, abashinjwa bagashaka imbunda bazifashisha ndetse bakerekeza aho icyaha cyagombaga gukorerwa ariko bakagarukira mu nzira, ubwabyo bidakwiye gufatwa nk'ibikorwa**

**by'intangiriro yo gukora icyaha, ahubwo ibi bigize ibikorwa bitegurira icyaha bidashobora guhanwa.**

Rurasanga, kandi ukurikije intera iri hagati y'aho abashinjwa bagarukiye (i Remera) n'aho bivugwa ko icyaha cyagombaga gukorerwa (i Gikondo), ndetse n'impamvu bivugwa ko yabagaruye (imvura), bikwiye kumvikanisha ko abashinjwa batari bakageze mu cyiciro cy'intangiriro y'icyaha (phase d'exécution) kigomba kurangwa n'ibikorwa bifatika kandi bikorewe aho icyaha cyagombaga gukorerwa. Bityo rwemeza ko abaregwa bagomba kugirwa abere ku cyaha cy'ubwinjiracyaha mu bujura bukoreshewe intwari bari bakurikiranyweho.

**Umurongo watanze:** Ubwinjiracyaha buhanirwa ari uko umugambi wo gukora icyaha udashidikanywaho, ugaragajwe n'ibikorwa biboneka by'intangiriro y'icyaha kandi ikorwa ry'icyaha rikaburizwamo n'impamvu idaturutse ku bushake bw'ushinjwa kubukora.

**2. Kurema umutwe w'abagizi ba nabi – umugambi wihariye wo kurema umutwe w'abagizi ba nabi - Ubushinjacyaha bugomba gutanga ibimenyetso byerekana ko abakurikiranweho icyo cyaha bashinze umutwe ugamije gukora ibyaha.**

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RPA 00098/2020/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 06/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na Cpl SHYAKA Védaste n'undi (igika cya 38).

**Ikibazo cyasuzumwe:** Kumenya niba ibyaha byose bikoze n'abantu bafatanyije umugambi byakwitwaga kurema umutwe w'abagizi ba nabi?

**Ingingo umurongo ushingiyeho:** Ingingo ya 681 y'Itegeko Ngenga n° 01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 ryashyiragaho Igitabo cy'amategeko ahana, yashingiweho abashinjwa bahanwa yateganyaga ibikurikira: *“kurema umutwe, ugamije kugirira nabi abantu cyangwa ibyabo, hatitawe ku mubare w'abawugize cyangwa igihe uzamara, ugamije kugirira nabi abantu cyangwa ibyabo, ni icyaha*

*cy'ubugome “, iya 682 y’iri tegeko, igateganya ibikurikira: “Umuntu wese urema umutwe w’abagizi ba nabi, uwutunganya, uwoshya abandi kuwujyamo cyangwa umuyobozi wawo, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7)”.*

**Imvano y’ikibazo:** Urukiko Rukuru rwa Gisirikare rwahamije Cpl SHYAKA Védaste, Pte UKWIBISHAKA Théogène na Pte TWIZEYIMANA Dieudonné ubwinjiracyaha mu cyaha cy’ubujura bukoreshwe intwara n’icyaha cyo **kurema umutwe w’abagizi ba nabi**, kuri Cpl SHYAKA Védaste, hiyongeraho n’icyaha cyo kwiba ibikoresho bya Gisirikare, abaregwa bakaba bari bagambiriye kwiba mu kabari ka MUZINDUTSI kitwa “Rion de Gikondo Bar”, gaherereye i Gikondo. Urukiko rwahanishije Cpl SHYAKA Védaste igifungo cy’imyaka 15, naho Pte UKWIBISHAKA Théogène na Pte TWIZEYIMANA Dieudonné, buri wese ahanishwa igifungo cy’imyaka 10.

(...) Ku bijyanye n’icyaha cyo kurema umutwe w’abagizi ba nabi Urukiko rw’Ubujurire rwasanze kugira ngo abashinjwa bahamwe n’icyo cyaha batagomba kuba bahujwe gusa n’umugambi wo gukora icyaha runaka<sup>1</sup>, **ahubwo bagomba kuba barashinze umutwe ugamije gukora ibyaha**, Ubushinjacyaha bukaba bugomba gutanga ibimenyetso byerekana ko icyaha bakurikiranyweho kiri mu ntego rusange y’umutwe washyizweho n’abashinjwa ko iyo hatabayeho kwerekana uburyo umutwe washinzwe n’intego yawo byaba bivuze ko icyaha cyose gikozwe n’abantu barenze umuntu mwe, igihe cyose cyaba kibangikanye n’icyo kurema umutwe w’abagizi ba nabi kandi ataribyoye.

Rusanga muri uru rubanza Ubushinjacyaha bwarafashe ibimenyetso (imvugo z’abashinjwa) bwashingiyeho buregera ubwinjiracyaha mu cyaha cy’ubujura bukoreshwe intwara (byavuzwe mu murongo ubanziriza uyu), ibyo bimenyetso uko byakabaye, aba aribyo bushingiraho bushinja abaregwa icyaha cyo kurema umutwe w’abagizi ba nabi, ko hejuru yo kuba abashinjwa baremeye ko bagize

---

<sup>1</sup> Abahujwe n’umugambi wo gukora icyaha runaka bafatwa nk’abafatanyacyaha cyangwa bamwe bakaba ibyitso by’abandi



umugambi, bafatanyije, wo kujya kwiba kuri “Rion de Gikondo Bar”, **Ubushinjacyaha bwaragombaga kugaragaza ibimenyetso byerekana ko abaregwa bari basanzwe baratunganyije umutwe wo kugirira nabi abantu cyangwa ibyabo, igikorwa cyo kujya kwiba bashinjwa kikaba cyarakozwe mu mugambi umwe uyu mutwe usanzwe ufite.**

Urukiko rw’Ubujurire rushingiye kubivuzwe haruguru rwemeza ko, Urukiko Rukuru rwa Gisirikare rwakoze ikosa ryo guhamya abajuriye icyaha cyo kurema umutwe w’abagizi ba nabi nta bimenyetso byihariye kuri iki cyaha rugaragaje, bityo rwemeza ko Cpl SHYAKA Védaste na Pte TWIZEYIMANA Dieudonné bagizwe abere kuri iki cyaha.

**Umurongo watanze:** Kugira ngo abashinjwa bahamwe n’icyaha cyo kurema umutwe w’abagizi ba nabi bagomba kuba barashinze umutwe ugamije gukora ibyaha, Ubushinjacyaha bukaba bufite inshingano yo gutanga ibimenyetso byerekana ko icyaha bakurikiranyweho kiri mu ntego rusange z’uwo mutwe.

#### **4. ICYAHA CYO KWICA UMWANA WIBYARIYE**

1. Imanza z’inshinjabyaha - kwica umwana yibyariye – ibiranga icyaha cyo kwica uwo yibyariye – kuba umwana atarengeje amezi cumi n’abiri (12), no kuba ubwenge bwa nyina butarakoraga neza bitewe n’ihungabana ryo mu mutwe.

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RPA 00758/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 30/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na UWIZEYIMANA Christine (igika cya 12,18).

**Ikibazo cyasuzumwe:** kumenya itandukaniro riri hagati y’icyaha cyo kwica uwo yibyariye n’icyaha cy’ubwicanyi.

**Ingingo umurongo ushingiyeho:** Ingingo ya 108 y’Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ryavuzwe haruguru, iteganya ibikurikira: *“Umugore wese, abishaka cyangwa biturutse ku kudakora ikigomba gukorwa, wica umwana yabyaye utarengeje amezi cumi n’abiri (12) ariko mu gihe cyo gukora icyaha*

*ubwenge bwe bukaba budakora neza bitewe n'inkurikizi zituruka ku kubyara cyangwa guhembera k'umubyeyi aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo kitari munsu y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7)".*

**Imvano y'ikibazo:**

Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga rwahamije UWIZEYIMANA Christine icyaha cy'ubwicanyi kuko yishe umwana we, rumuhanisha igifungo cya burundu. UWIZEYIMANA Christine yajuririye urwo rubanza mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, asaba kugabanyirizwa ibihano kuko yatwaye inda bimugwiririye kandi nta bushobozi afite bwo kurera umwana atwite kuko afite undi mwana muto, ndetse ko n'umuryango we utishoboye uhora umucunaguza, maze agejeje igihe cyo kubyara ariherera nta muntu abibwiye yica umwana. Urukiko Rukuru rwemeza ko imikirize y'urubanza rwajuririwe idahindutse.

UWIZEYIMANA Christine yajuririye na none mu Rukiko rw'Ubujurire asaba kugabanyirizwa igihano kuko yaburanye yemera icyaha ariko Urukiko Rukuru ntirumugabanyirize igihano. Umwunganira, asaba ko inyito y'icyaha UWIZEYIMANA Christine yakoze yahinduka agahamwa n'icyaha cyo kwikuramo inda, aho kuba icyaha cyo kwica uwo yibyariye.

Hashingiwe ku bikorwa bigize icyaha, uregwa akurikiranyweho, Urukiko rusanga igihe UWIZEYIMANA Christine yicaga umwana we yabyaye utarengeje amezi cumi n'abiri (12), ubwenge bwe butarakoraga neza bitewe n'uko yari yihebye, afite n'ihungabana ryo mu mutwe yatewe n'uko yabonaga nta bushobozi afite bwo kurera uwo mwana, no kuba yaracunaguzwaga n'abagize umuryango we, bigaragaza ko UWIZEYIMANA Christine yakoze icyaha cyo kwica umwana wibyariye giteganywa n'ingingo ya 108 yavuzwe haruguru, aho kuba icyaha cyo kwikuramo inda nk'uko uwunganira uregwa abivuga cyangwa icyaha cy'ubwicanyi yahamijwe n'inkiko zo hasi.

Rushingiye ku mpamvu nyoroshyacyaha ruhanisha UWIZEYIMANA Christine igifungo cy'imyaka itatu (3), aho kuba igifungo cya burundu yahanishijwe mbere.

**Umurongo watanzwe:** Byitwa kwica uwo yibyariye aho kuba ubwicanyi iyo umugore yishe umwana we yabyaye utarengeje amezi cumi n'abiri (12), ubwenge bwe budakoraga neza bitewe no kwiheba, ihungabana ryo mu mutwe yaterwa n'uko abona nta bushobozi afite bwo kurera umwana yabyaye, n'iryaterwa no gucunaguzwa n'abagize umuryango we.

#### **Izindi manza zafashwemo uyu murongo:**

- ❖ Urubanza N° RPAA0078/15/CS, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 01/06/2018 haburana ubushinjacyaha na NTIBAJYINAMA Esther (igika cya 44).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00151/2020/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 23/07/2021, haburana Ubushinjacyaha na AKAYEZU Claudine (igika cya 17-19).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00159/2022/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 30/01/2023, haburana Ubushinjacyaha na MUKANDAYISENGA (igika cya 19).

### **5. ICYAHA CYO KWIGWIZAHO UMUTUNGO**

1. Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane – ibitaraburanyweho mu rubanza rusubirishwamo - ntibishobora kuba impamvu ituma urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RS/INJUST/RP 00002/2021/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 20/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na BYIRINGIRO Appolinaire (igika cya 26).

**Ikibazo cyasuzumwe:** Ese ibitarasuzumwe mu rubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, umuburanyi ashobora kubizamura bwa mbere mu rubanza rusuzuma ko habaye akarengane?

**Imvano y'ikibazo:** Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko Urubanza n° RPA 00204/2019/HC/NYZ rwaciwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, ku wa 07/11/2019 rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, rwohererezwa Urukiko rw'Ubujurire ngo ruruburanishe. Uru rubanza rukaba rwari rwarahamije BYIRINGIRO Appolinaire icyaha cyo kwigwizaho umutungo rumuhanisha igifungo cy'imyaka itatu (3) n'ihazabu ya 197.149.420 Frw.

Mu iburanisha abahagarariye BYIRINGIRO Appolinaire bavuze ko imwe mu mpamvu bashingiraho bavuga ko urubanza rwavuzwe haruguru rugaragaramo akarengani ari **ubusaze bw'ibikorwa bigize icyaha uwo bohagarariye yakurikiranyweho.**

Mu isesengura Urukiko rw'Ubujurire rushingiye ku murongo watanzwe n'Urukiko rw'Ikirenga ndetse n'Urukiko rw'Ubujurire, rwasanze ikibazo kijyanye n'ubusaze bw'ibikorwa bigize icyaha uwo bahagarariye yakurikiranyweho kitaraburanyweho mu rubanza rusabirwa gusubirishwamo, bityo rwemeza ko nta shingiro bifite kuko ntawavuga ko yarenganyijwe n'ibitaraburanyweho.

**Umurongo watanzwe:** Ibibazo bitaburanyweho mu rubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ntibishobora gusuzumwa mu rwego rwo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane, kuko umuburanyi atavuga ko yagize akarengane ku kibazo atigeze asaba urukiko gusuzuma.

**Izindi manza zafashwemo uyu murongo:**

❖ Urubanza N° RS/INJUST/RC 00008/2019/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 21/11/2021, GAHIRE Athanase aburana na MUKARUSHAKO na bagenzi be.

❖ Urubanza N° RS/INJUST/RC 00001/2021/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 17/12/2021, UMULINGA aburana na NGIRINSHUTI NA MUBERUKA.

❖ Urubanza N° RS/ INJUST/RC 00004/2019/SC rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 28/07/2020, MUKAMANA Mamique n’abandi baburana na KABANDANA Claver.

❖ Urubanza N° RS/INJUST/RP 00004/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 29/07/2022 haburana Ubushinjacyaha na HABIMANA Jean Alexis na bagenzi be.

**Urubanza ruyoboye izindi:** Ni Urubanza N° RS/INJUST/RC 00008/2019/SC rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 21/11/2021, Gahire Athanase aburana na MUKARUSHAKO na bagenzi be kuko arirwo rwasohotse mbere mu cyegeranyo [2017] 3 RLR.

2. Kwigwizaho umutungo – ibiranga icyaha cyo kwigwizaho umutungo – kuba uregwa afite umutungo urenze uwo akwiye kuba afite hakurikijwe ubushobozi afite, kandi adashobora kugaragaza ko yawukomoye mu nzira zinyuze mu kuri kandi zemewe n’amategeko.

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RS/INJUST/RP 00002/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 20/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na BYIRINGIRO Appolinaire (igika cya 69).

**Ikibazo cyasuzumwe:** Ese ni ryari bivugwa ko habaye icyaha cyo kwigwizaho umutungo?

**Ingingo umurongo ushingiyeho:** Ingingo ya 636 y’Itegeko Ngenga n° 01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 ryashyiragaho Igitabo cy’amategeko ahana, yashingiweho abashinjwa bahanwa yateganyaga ibikurikira: *“Umukozi wa Leta cyangwa undi muntu wese wigwizaho umutungo adashobora kugaragaza aho yawukomoye binyuze mu kuri kandi byemewe n’amategeko, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n’ihazabu y’amafaranga y’u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza ku icumi (10) z’agaciro k’umutungo adashobora kugaragaza aho yawukomoye mu buryo bwemewe n’amategeko”.*

**Imvano y'ikibazo:** Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko Urubanza n° RPA 00204/2019/HC/NYZ rwaciwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, ku wa 07/11/2019 rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, rwohererezwa Urukiko rw'Ubujurire ngo ruruburanishe. Uru rubanza rukaba rwari rwarahamije BYIRINGIRO Appolinaire icyaha cyo kwigwizaho umutungo rumuhanisha igifungo cy'imyaka itatu (3) n'ihazabu ya 197.149.420 Frw.

Urubanza mu mizi urukiko rwasuzumye ikibazo kijyanye no kumenya hagati y'Ubushinjacyaha na BYIRINGIRO Appolinaire uwari ukwiriye kugaragaza ibimenyetso byerekana ukwiyongera k'umutungo, maze rubanza kugaragaza igisobanuro cy'icyaha cyo kwigwazaho umutungo.

Rushingiye ku murongo watanzwe n'Urukiko rw'Ubujurire **rwasanze Ubushinjacyaha aribwo bufite inshingano yo gutanga ibimenyetso bigaragaza ko uregwa afite umutungo uruta uwo yagombye kuba afite runagaragaza igisobanuro gikwiye kugaragaza ko umukozi wa Leta cyangwa se undi muntu aba afite umutungo urenze uwo akwiye kuba afite.**

**Umurongo watanzwe:** Kugira ngo habeho icyaha cyo kwigwizaho umutungo, ni uko umukozi wa Leta cyangwa se undi muntu aba afite umutungo urenze uwo akwiye kuba afite hakurikijwe ubushobozi afite, kandi adashobora kugaragaza ko yawukomoye mu nzira zinyuze mu kuri kandi zemewe n'amategeko.

**Izindi manza zafashwemo uyu murongo:**

❖ Urubanza N° RS/INJUST/RP 00003/2020/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 18/06/2021, haburana Ubushinjacyaha ku Rwego rw'Umuvunyi na MUGISHA David Livingstone na MBOWA Festo.

3. Kwigwizaho umutungo – itangwa ry'ibimenyetso - Ubushinjacyaha nibwo bufite inshingano yo kugaragaza ko uregwa afite umutungo urenze uwo yagombye kuba afite – uregwa we afite inshingano yo kugaragaza inkomoko yawo.

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RS/INJUST/RP 00002/2021/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 20/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na BYIRINGIRO Appolinaire (igika cya 95).

**Ikibazo cyasuzumwe:** Ninde ukwiye kugaragaza ibimenyetso ku cyaha cyo kwigwizaho umutungo?

**Imvano y'ikibazo:** *Reba ibisobauro ku murongo ubanziriza uyu.*

**Umurongo watanzwe:** Ubushinjacyaha nibwo bugomba kugaragaza ko umutungo uregwa afite urenze umutungo yagombye kuba afite hakurikijwe amafaranga yinjiza azwi, cyangwa se abayeho ku buryo burenze ubwo yagombye kuba abayeho, bukabigaragariza igipimo bwerekana ibyo uregwa ashobora kwigezaho, maze ibirenzeho bikaba ari byo byitwa kwigwizaho umutungo. Uregwa nawe agasobanura inkomoko y'umutungo urenze uwo yagombye kuba atunze.

**Izindi manza zafashwemo uyu murongo:**

Urubanza N° RS/INJUST/RP 00003/2020/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 18/06/2021, haburana Ubushinjacyaha ku Rwego rw'Umuvunyi na MUGISHA David Livingstone na MBOWA Festo.

### III. IMANZA MBONEZAMUBANO

#### 1. GUTESHA AGACIRO CYAMUNARA

1. Imiburanishirize y'imanza - gukosora amakosa y'imyandikire - hakosorwa amakosa yakozwe n'umucamanza – hashobora no gukosorwa amakosa yakozwe n'umuranyi iyo umucamanza ayasubiyemo kuko atabigenzuye neza.

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RCOMA 00010/2022/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 14/12/2022 MUGENI Josiane aburana na INGABIRE Aliane n'abandi.

**Ikibazo cyasuzumwe:** Amakosa yakozwe n'umuburanyi agasubirwamo n'urukiko kuko rutabigenzuye, yakosorwa mu kirego gisaba gukosora urubanza?

**Ingingo y'itegeko umurongo ushingiyeho:** Ingingo ya 140, igika cya 1, y'Itegeko n°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbenezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu iteganya ibikurikira: *“Ikirego gikosora cyangwa gisobanura urubanza kiburanishwa nk'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe. Urubanza rukosora urundi, rukosora gusa amakosa y'imyandikire”*.

**Imvano y'ikibazo:**

INGABIRE Aliane yatanze ikirego gisaba gukosora amakosa yagaragaye mu rubanza n° RCOMA 00404/2022/HCC & RCOMA 00405/2022/HCC, rwatesheje agaciro cyamunara yari yagurishijwemo umutungo we ukegukanwa na MUGENI Josiane. Mu rubanza n° RS/RECT/RCOM 00023/2022/HCC Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeje ko ikirego yatanze gifite ishingiro, ko muri urwo rubanza ahanditse ko umutungo ufite n° UPI 1/02/09/02/2454 hakosowe, hakandikwa n° UPI 1/02/09/02/2453, ko urwo rubanza rwuzuzwa urubanza rwakosowe.

MUGENI Josiane aho amenyeye urwo rubanza yararutambamiye avuga ko ugukosora kwatumye yamburwa umutungo we yaguze bikurikije amategeko.



Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeje ko ikirego cya MUGENI Josiane nta shingiro gifite, ko nta gihindutse ku mikirize y'urubanza rukosora urundi.

MUGENI Josiane yajuririye Urukiko rw'Ubujurire avuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwakosoye urubanza rwirengagije ibiteganywa n'amategeko mu gukosora urubanza.

Mu isesengura Urukiko rw'Ubujurire rwasanze mu gukosora urubanza hakosorwa amakosa y'imyandikire nk'uko biteganywa n'ingingo ya 140 CPCCSA, ko iyo bibaye ngombwa ariko habaho irengayobora kuri iri tegeko nk'igihe umucamanza yasubiye mu makosa yakozwe n'umuburanyi kandi byari gushoboka ko ayabona akayakosora iyo agezura neza, ko iyo asubiye muri ayo makosa, amakosa aba ay'umucamanza ku buryo agomba gukosorwa.

Rusanga kuba mu nyandiko zitandukanye zashyikirijwe urukiko hagaragara ko umutungo watejwe cyamunara wari ufite n° UPI: 1/02/09/02/2453 urukiko iyo rusesengura neza rutari kwemeza ko umutungo uburanwa ufite UPI: 1/02/09/02/2454 nk'uko umuburanyi yabigaragazaga; ko kuba rero umucamanza yarakomeje kuyagenderaho, ayo makosa yabaye aye, bityo rushingiye ku murongo watanzwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwemeza ko nta kosa Urukiko rubanza rwakoze mu kuyakosora.

**Umurongo watanzwe:** Gukosora amakosa y'imyandikire ntibigomba kugira icyo bihindura ku cyemezo cyafashwe, amakosa akosorwa ni ayakozwe n'umucamanza si ayakozwe n'umuburanyi. Hashobora ariko kubaho irengayobora nk'igihe umucamanza yasubiye mu makosa yakozwe n'umuburanyi kandi yashoboraga kuyabona iyo agezura neza.

**Izindi manza zafashwemo uyu murongo:**

- ❖ Urubanza N° RS/RECT/RC 00003/2021/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 18/02/2022, haburana MUSEFANO Juvens (igika cya 11).

#### IV. IMANZA ZASHINGIYE KU MIRONGO IMENYEREWE

1. Umwana utarageza ku myaka 14 – iyo hari impamvu nyoroshyacyaha – kudahatirwa gutanga igifungo cya burundu.

##### Urubanza rwasuzumwe:

Urubanza N° RPAA 00488/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 27/1/2023, haburana HAFASHIMANA Silas (igika cya 41)

**Ikibazo umurongo ushingiyeho:** Ese iyo hari impamvu nyoroshyacyaha uwahamwe n’icyaha cyo gusambanya umwana utarageza ku myaka 14 y’amavuko ashobora kudahabwa igihano cya burundu, akagabanyirizwa ibihano?

**Ingingo y’itegeko umurongo ushingiyeho:** Ingingo ya 4 Itegeko N° 69/2019 ryo ku wa 08/11/2019 rihindura Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n’ibihano muri rusange iteganya ko Umuntu wese ukorera ku mwana kimwe mu bikorwa bishingiye ku gitsina bikurikira, aba akoze icyaha:

1° gushyira igitsina mu gitsina, mu kibuno cyangwa mu kanwa k’umwana;

2° (...)

(...) Iyo umuntu mukuru asambanyije umwana uri munsi y’imyaka cumi n’ine (14), igihano kiba igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha.

✓ Mu rubanza N° RS/INCONST/SPEC 00005/2020/CS- RS/INCONST/SPEC 00006/2020/CS rwaciwe ku wa 12/02/2020, haburana KABASINGA Florida na NIYOMUGABO Ntakirutimana na Leta y’u Rwanda, Urukiko rw’Ikirenga rwemeje ko: «igika cya 3 cy’ingingo ya 133 y’Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n’ibihano muri rusange, agace kavuga ko iyo gusambanya umwana byakorewe ku mwana uri munsi y’imyaka cumi n’ine (14), **igihano kiba igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu**

**nyoroshyacyaha, kanyuranyije n'ingingo ya 29, n'iya 151 z'Itegeko Nshinga; ako gace kakaba nta gaciro gafite.**

**Umurongo imanza zihuriyeho:** Iyo Urukiko rusanze hari impamvu nyoroshyacyaha ku wahamwe n'icyaha cyo gusambanya umwana uri muni y'imyaka 14 y'amavuko, rushobora kuzishingiraho rukamugabanyiriza igihano.

**Izindi manza zafashwemo uyu murongo:**

- ❖ Urubanza N° RPAA 00291/2020/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 22/04/2022 haburana Ubushinjacyaha na ABAYISENGA Joseph.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00046/2021/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 22/07/2022 haburana Ubushinjacyaha na HARAGIRIMANA Jean Paul (igika cya 18).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00241/2020/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 29/09/2022, haburana Ubushinjacyaha na NIYITANGA Emmanuel.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00013/2021/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 29/09/2022, haburana Ubushinjacyaha na NIYOMUKIZA Jean de la Croix.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00376/2020/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 29/09/2022, haburana Ubushinjacyaha na NKUNZIMANA Théophile.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00389/2021/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 16/09/2022 haburana Ubushinjacyaha na NDAYIZEYE Maurice.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00162/2021/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 21/10/2022 haburana Ubushinjacyaha na IRAREBA Joseph (igika cya 14).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00395/2021/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 31/10/2022 haburana Ubushinjacyaha na NSHIMIYUMUKIZA Patrick (igika cya 24).

- ❖ Urubanza N° RPAA 00117/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 21/10/2022 haburana Ubushinjacyaha na REBERO Eric (igika cya 21).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00121/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 21/10/2022 haburana Ubushinjacyaha na HAGENIMANA Claude,
- ❖ Urubanza N° RPAA 00545/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 20/1/2023 haburana Ubushinjacyaha na MUGISHA Prince alias Kadogo (Igika cya 44-45).

**Urubanza ruyoboye izindi (Leading case):** Urubanza ruyoboye izindi kuri iki kibazo ni urubanza N° RS/INCONST/SPEC 00005/2020/CS- RS/INCONST/SPEC 00006/2020/CS rwaciwe ku wa 12/02/2020, haburana KABASINGA Florida na NIYOMUGABO Ntakirutimana na Leta y’u Rwanda kuko ari rwo rwemeje ko igika cya 3 cy’ingingo ya 133 y’Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n’ibihano muri rusange, agace kavuga ko iyo gusambanya umwana byakorewe ku mwana uri muni y’imyaka cumi n’ine (14), igihano kiba igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha, kanyuranyije n’ingingo ya 29, n’iya 151 z’Itegeko Nshinga; ko ako gace nta gaciro gafite.

2. Kutabuzwa gutanga igihano kuri muni y’igihano gito giteganywa n’itegeko - impamvu nyoroshyacyaha – iyo urukiko rwemeje impamvu nyoroshyacyaha – ntirubujijwe gutanga igihano gito giteganywa n’itegeko iyo rusanga aricyo gikwiranye n’icyaha cyakozwe.

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RPAA 00465/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 25/11/2022 ku wa 20/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na NIYONKURU Benoît (igika cya 20-21).

**Ikibazo umurongo ushingiyeho:** Ese iyo hari impamvu nyoroshyacyaha, Urukiko rushobora kugabanya igihano kugera muni y’igihano gito giteganywa n’itegeko?

- ❖ Urubanza N° RPAA 00406/2020/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 22/10/2021, haburana Ubushinjacyaha na NAHAYO Ignace (igika cya 22).
- ❖ Urubanza n° RPA 00060/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 04/04/2022 haburana Ubushinjacyaha na Nsabimana n’abandi (igika cya 254).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00027/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 15/07/2022 haburana Ubushinjacyaha na SHAKUBONE Reverien (igika cya 27 na 29).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00022/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 29/07/2022 haburana Ubushinjacyaha na UWAMBAJIMANA Grâce (igika cya 53 na 54)
- ❖ Urubanza N° RPAA 00256/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 30/11/2022 haburana Ubushinjacyaha na UWAMARIYA Diane (igika cya 18 na 19)

- ❖ Urubanza N° RPAA 00097/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 18/11/2022 haburana Ubushinjacyaha na MUSA Christian (igika cya 19 na 20)
- ❖ Urubanza N° RPAA 00120/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 18/11/2022 haburana Ubushinjacyaha na MUSA Christian (igika cya 26)
- ❖ Urubanza N° RPAA 00183/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 25/11/2022 haburana Ubushinjacyaha na NSENGIYAREMYE Jérémie (igika cya 18)
- ❖ Urubanza N° RPAA 00192/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 14/10/2022 haburana Ubushinjacyaha na HANGANIMANA Martin (igika cya 18)
- ❖ Urubanza N° RPAA 00212/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 18/10/2022 haburana Ubushinjacyaha na BIKORIMANA (igika cya 26 na 27)
- ❖ Urubanza N° RPAA 00219/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 30/11/2022 haburana Ubushinjacyaha na MUTABARUKA Emmanuel (igika cya 19)
- ❖ Urubanza N° RPAA 00238/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 18/11/2022 haburana Ubushinjacyaha na SINDIKUBWABO Theoneste (igika cya 26 na 27)
- ❖ Urubanza N° RPAA 00257/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 25/11/2022 haburana Ubushinjacyaha na UVOMANYENINGWE Esron (igika cya 41 na 42)
- ❖ Urubanza N° RPAA 00051/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 18/11/2022 haburana Ubushinjacyaha na NYIRANDIKUMANA Dancilla (igika cya 17 na 18)

- ❖ Urubanza N° RPAA 00022/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 29/07/2022 haburana Ubushinjacyaha na UWAMBAJIMANA Grâce (igika cya 53 na 54).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00468/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 27/1/2023 haburana Ubushinjacyaha na NGIRIMANA Jean Damascène alias Ngabo (igika cya 20).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00316/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 27/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na IYAKAREMYE Zakayo (igika cya 16).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00205/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 25/11/2022 haburana Ubushinjacyaha na UWAYEZU Jean Bosco (igika cya 16).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00464/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 20/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na BIZIMANA Moussa (igika cya 22).
- ❖ Urubanza RPAA 00158/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 11/11/2022 haburana Ubushinjacyaha na NIYONTEZE Laetitia (Igika cya 30-31).

**Urubanza ruyoboye izindi:** Ni Urubanza N° RPAA 00406/2020/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 22/10/2021, haburana Ubushinjacyaha na NAHAYO Ignace kuko arirwo rwaciwe mbere.

12. Kongera kugabanya igihano mu bujurire - uregwa ntiyongera kugabanyirizwa ibihano, iyo mu bujurire Urukiko rusanga yarabigabanyirijwe bihagije, harebwe uburemere bw’icyaha n’uburyo icyaha cyakozwemo, kandi ntacyo runenga urubanza rwajuririwe.

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RPAA 00702/2021/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 18/11/2022 haburana Ubushinjacyaha na NTAWIYANGA Jean Claude (igika cya 19).

**Ikibazo cyasuzumwe:** Ese uwagabanyirijwe ibihano mu nkiko zibanza yakongera kugabanyirizwa mu bujurire?

**Ingingo y'itegeko umurongo ushingiyeho:** Ingingo ya 49, igika cya mbere y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange iteganya ko «*Umucamanza atanga igihano akurikije uburemere bw'icyaha, ingaruka icyaha cyateye, impamvu zatumye agikora, uko uwagikoze yari asanzwe yitwara, imibereho ye bwite n'uburyo icyaha cyakozwemo*»

**Umurongo imanza zihuriyeho:** Uregwa ntiyongera kugabanyirizwa ibihano, iyo mu bujurire Urukiko rusanga yarabigabanyirijwe bihagije, harebwe uburemere bw'icyaha n'uburyo icyaha cyakozwemo.

**Izindi manza zafashwemo uyu murongo:**

- ❖ Urubanza N° RPA 0249/13/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 25/11/2016 haburana Ubushinjacyaha na NTEZIRYAYO Emmanuel (Icyegeranyo cy'ibyemezo by'inkiko, V.2, Mata, 2018, p.120-121).
- ❖ Urubanza N° RPAA 0083/12/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 17/06/2016, haburana Ubushinjacyaha na MUBERUKA Gracien (Igika 12).
- ❖ Urubanza N° RPA0047/11/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 27/03/2015 haburana Ubushinjacyaha na NSHUTIRAKIZA Narcisse (igika cya 14-16).
- ❖ Urubanza N° RPA 0129/10/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 7/03/2014, Ubushinjacyaha buburana na MPITABAKANA (Icyegeranyo cy'ibyemezo by'inkiko, V. 2, Ukwakira 2014. p.127).

- ❖ Urubanza N° RPA 00071/2018/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 07/06/2019 haburana Ubushinjacyaha na NDORIMANA Emmanuel n’abandi (igika cya 14).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00195/2020/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 27/05/2022 haburana Ubushinjacyaha na AYIRWANDA Emmanuel.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00087/2020/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 27/05/2022 haburana Ubushinjacyaha na HAGABIMANA Emmanuel.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00170/2020/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 30/05/2022 haburana Ubushinjacyaha na MUSHUMBA NGABIRANO.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00398/2020/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 20/05/2022 haburana Ubushinjacyaha na NDIKUBWIMANA Marc.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00351/2020/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 19/04/2022 haburana Ubushinjacyaha na NGERAGEZE KARAMIRA.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00174/2020/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 06/05/2022 haburana Ubushinjacyaha na NGEZAHAYO JMV n’abandi.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00244/2020/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 19/04/2022 haburana Ubushinjacyah na NKOMEZA Etienne.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00363/2020/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 29/04/2022, haburana Ubushinjacyaha na SIBOMANA Damascène.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00366/2020/CA – CMB N° RPAA 00196/2021/CA haburana TWAGIRAYEZU Jullien alias Mafene na RUKUNDO Julliet.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00230/2020/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 13/5/2022 haburana Ubushinjacyaha na Minani François.

- ❖ Urubanza N° RPAA 00360/2020/CA rwaciwe ku wa 28/04/2022 haburana MBARUSHIYEZE Theoneste.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00157/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 28/07/2022 haburana Ubushinjacyaha na BAGIRUWUBUSA Jean Nepomuscène.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00095/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 23/09/2022 haburana Ubushinjacyaha na NKUNDIYIMFURA Janvier (igika cya 22).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00321/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 28/10/2022, haburana Ubushinjacyaha na NSENGIMANA Juvénal (igika cya 27).
- ❖ Urubanza N° RPAA 442/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 28/11/2022 haburana Ubushinjacyaha na RUKUNDO Jean de Dieu (igika cya 19)
- ❖ Urubanza N° RPAA 00455/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 18/11/2022 haburana Ubushinjacyaha na NDAGIJIMANA Vianney.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00264/2022/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 21/10/2022 haburana Ubushinjacyaha na NDAGIJIMANA Emmanuel.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00638/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 21/10/2022 haburana Ubushinjacyaha na NDAGIJIMANA Jean Claude (Igika cya 18).

**Urubanza ruyoboye inzindi:** Ni urubanza N° RPA 0129/10/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 7/03/2014, Ubushinjacyaha buburana na MPITABAKANA kuko rwaciwe mbere n’Urukiko rw’ikirenga kandi rukaba rwaratoranijwe rukanatangazwa mu cyegeranyo cy’ibyemezo by’inkiko (V.2 [2014] RLR) nk’urutanga umurongo kuri iki kibazo.

13. Kugabanya igihano mu bujurire – igihe impamvu z’ubujurire nta shingiro - nta cyabuza Urukiko kugabanyiriza igihano uregwa, hagamijwe gutanga igihano gihwanye n’uburemere bw’icyaha kabone n’ubwo iby’igihano byaba bitaburanyweho n’impamvu z’ubujurire zitahawe ishingiro.

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RPAA 00471/2021/CA, rwaciwe ku wa 27/01/2023, haburana Ubushinjacyaha na SIBOMANA Emmanuel (igika cya 19 - 20).

**Ikibazo cyasuzumwe:** Ese Urukiko rushobora kugabanya igihano impamvu z’ubujurire zitahawe ishingiro ku bijyanye n’imikorere y’icyaha?

**Ingingo y’itegeko umurongo ushingiyeho:** Ingingo ya 49, igika cya mbere y’itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n’ibihano muri rusange iteganya ko «*Umucamanza atanga igihano akurikije uburemere bw’icyaha, ingaruka icyaha cyateye, impamvu zatumye agikora, uko uwagikoze yari asanzwe yitwara, imibereho ye bwite n’uburyo icyaha cyakozwemo*»

**Umurongo imanza zihuriyeho:** Nta cyabuza Urukiko kugabanyiriza igihano uregwa, hagamijwe gutanga igihano gihwanye n’uburemere bw’icyaha kabone n’ubwo by’igihano byaba bitaburanyweho n’impamvu z’ubujurire zitahawe ishingiro.

**Izindi manza zafashwemo uyu murongo:**

- ❖ Urubanza N° RPAA 00069/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Uburire ku wa 28/07/2022 haburana Ubushinjacyaha na NYIRANZEYIMANA Odette.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00039/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Uburire ku wa 02/07/2021 haburana Ubushinjacyaha na SHAKABATENDA Jean de Dieu.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00194/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Uburire ku wa 22/07/2022 haburana Ubushinjacyaha na NDAYISHIMIYE Emmanuel alias Shema.



- ❖ Urubanza N° RPAA 00441/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 21/10/2022 haburana Ubushinjacyaha na NKUBANA Samuel (igika cya 23).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00410/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 28/10/2022 haburana Ubushinjacyaha na NSENGIMANA Eric (igika cya 36).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00189/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 28/10/2022, haburana Ubushinjacyaha na BAKUNZIBAKE Emmanuel.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00429/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 27/1/2023, haburana Ubushinjacyaha na MUVARA Donatien (igika cya 33-34).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00098/2020/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 06/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na Cpl SHYAKA Védaste n’undi (igika cya 51-52).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00181/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 30/12/2022 haburana Ubushinjacyaha na MIZERO Eric (igika cya 22-26).
- ❖ Urubanza RPAA 00546/2022/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 27/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na NIRAGIRE Gédéon Jean de Dieu na RUTAYISIRE Abdourlatif (Igika cya 33).

14. Kujuririra urubanza – ibihe by’ubujurire - agaciro k’impamvu z’ubujurire zitanzwe mu myanzuro y’inyongera nyuma y’igihe cy’ubujurire – ntzigomba kwakirwa uretse igihe zuzuza cyangwa zisobanura izatanzwe mu bihe byemewe byo kujurira.

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RPAA 00559/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 27/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na NABIBWIYIMANA Emmanuel (igika cya 31)

**Ikibazo umurongo ushingiyeho:** Ese impamvu z’ubujurire zatanzwe mu myanzuro y’inyongera nyuma y’ibihe byo kujurira zagirira akamaro uregwa?

**Ingingo y’itegeko umurongo ushingiyeho:** Ingingo ya 181, igika cya 1 y’itegeko n°027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y’imanza nshinjabyaha ivuga ko: *«igihe cyo kujurira ari iminsi 30 ibarwa kuva ku munsu urubanza rwaciriweho ku muburanyi wari uhari cyangwa ahagarariwe igihe urubanza rwacibwaga»*

✓ Ingingo ya 183, agace ka gatanu n’aka gatandatu y’itegeko y’itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’inshinjabyaha iteganya ko *“Ubujurire bukorwa mu buryo bw’umwanzuro utanga ikirego, ugizwe n’urutonde rw’inenge z’urubanza zisabirwa gukosorwa n’ibindi bibazo bigomba gusuzumwa, ibisobanuro kuri buri nenge cyangwa kuri buri kibazo bigaragaza amakosa yakozwe n’uburyo agomba gukosorwa, hashingiwe ku mategeko n’ibimenyetso n’igisabwa Urukiko”.*

✓ Ingingo ya 188, igika cya 1 y’iryo Tegeko yo ivuga ko: *“Uregwa ashobora kujuririra urubanza rwose cyangwa zimwe mu ngingo atishimiye imikirize yazo, urukiko rwajuririwe rukaburanisha gusa mu mbibi z’icyajuririwe”.*

**Umurongo imanza zihuriyeho:** Ingingo iyo ariyo yose itanzwe nyuma y’ibihe ntarengwa byo kujurira, uretse iyuzuzwa cyangwa isobanura iyatanzwe mu bihe byemewe byo kujurira, ntigomba kwakirwa.

**Izindi manza zafashwemo uyu murongo:**

- ❖ Urubanza N° RCOMAA 00071/2017/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 26/10/2018 haburana MBUTO Aimable na BRD (igika cya 22).
- ❖ Urubanza N° RPA/GEN 00004/2019/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 07/05/2021 haburana Ubushinjacyaha na MUNYAGISHARI Bernard (igika cya 66).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00328/2020/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire haburana Ubushinjacyaha na NSABUKUNZE Emmanuel (igika cya 24-26).

- ❖ Urubanza N° RPAA 00386/2020/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 11/06/2020 haburana Ubushinjacyaha na MUSHINZIMANA Daniel (igika cya 16).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00338/2020/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 11/06/2021 haburana Ubushinjacyaha na DUKUZUMUREMYI Jean Bosco (igika cya 18 n’icya 21)
- ❖ Urubanza N° RPAA 00205/2020/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 12/11/2021 rwa BARAKAGWIRA Gilbert n’Ubushinjacyaha ( igika cya 14-15).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00422/2020/CA rwaciwe ku wa 17/05/2022 haburana Ubushinjacyaha na KWITONDA Benoit
- ❖ Urubanza N° RPAA 00169/2020/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 22/04/2022 haburana Ubushinjacyaha na MUKURANAMANA Martin
- ❖ Urubanza N° RPAA 00295/2020/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 29/04/2022 haburana Ubushinjacyaha na NDAGIJIMANA Jean d’Amour
- ❖ Urubanza N° RPAA 00099/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 23/09/2022 haburana Ubushinjacyaha na MWENEDATA Jacques (igika cya 14)
- ❖ Urubanza N° RPAA 00274/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 28/10/2022 haburana Ubushinjacyaha na TWAGIRAYEZU Thomas (igika cya 12-13)

**Urubanza ruyoboye izindi (Leading case):** Urubanza ruyoboye izindi ni Urubanza N° RCOMAA 00071/2017/CS rwaciwe ku wa 26/10/2018 haburana MBUTO Aimable na BRD kuko rwaciwe mbere n’Urukiko rw’Ikirenga.

15. Kujurira – ibihe by’ubujurire – kumenyesha imikirize y’urubanza - umuburanyi utaritabiriye isomwa ry’urubanza - umuburanyi wari uhibereye cyangwa wari uhagarariwe urubanza rupfundikirwa ibihe byo kujurira bitangira kubarwa haherewe ku gihe urubanza rwaciriwe.

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RPAA 00558/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 27/01/2023, haburana Ubushinjacyaha na HABIMANA François (igika cya 15).

**Ikibazo umurongo ushingiyeho:** Ese ibihe by’ubujurire k’umuburanyi utaritabiriye isomwa ry’urubanza ariko rwarapfundikiwe yitabiriye iburanisha, byatangira kubarwa ku gihe avuga yarumenyesherejwe?

**Ingingo y’itegeko umurongo ushingiyeho:** Ingingo ya 181, igika cya mbere, y’Itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/9/2019 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’inshinjabyaha iteganya ko: *«Kujurira bikorwa mu gihe kitarenga iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku itariki urubanza rwaciriweho ku muburanyi wari uhari cyangwa ahagarariwe igihe urubanza rwacibwaga. Icyo gihe gikurikizwa kandi ku muburanyi wamenyeshejwe mu buryo bwemewe n’amategeko, umunsi urubanza ruzacibwaho ntaze cyangwa ngo yohereze umuhagararira»*

**Umurongo imanza zihuriyeho:** Umuburanyi wari uhari cyangwa ahagarariwe igihe urubanza rwacibwaga ndetse n’umuburanyi wamenyeshejwe mu buryo bwemewe n’amategeko umunsi urubanza ruzacibwaho ntaze cyangwa ngo yohereze umuhagararira bagomba kujurira mu gihe kitarenga iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku itariki urubanza rwaciriweho.

**Izindi manza zafashwemo uyu murongo:**

- ❖ Urubanza N° RPA 0022/14/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 23/03/2018 haburana Ubushinjacyaha na BOGERE Barige (igika cya 12).
- ❖ Urubanza n° RPA 0245/09/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 25/03/2011 haburana Ubushinjacyaha na BIZAVUGAMUNGU

- ❖ Urubanza N° RPAA 0003/14/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 27/04/2018, haburana Ubushinjacyaha na HAKIZIMANA Jean Claude.
- ❖ icyemezo cy’Urukiko rw’Ikirenga mu rubanza rubanziriza urundi N° RS/INJUST/RCOM 00003/2019/SC cyafashwe mu iburanisha ryo ku wa 14/09/2020 haburana Access Bank na SOTIRU Ltd.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00060/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 27/09/2022, haburana Ubushinjacyaha na Gakoza Eugene (igika cya 19).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00155/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 30/11/2022, haburana Ubushinjacyaha na NDAYISENGA Védaste (igika cya 10).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00434/2018/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 26/04/2019, haburana Ubushinjacyaha na NDAHAYO Eustache.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00064/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 14/10/2022 haburana Ubushinjacyaha na TUYISHIMIRE Sylvan (igika cya 11).

**Urubanza ruyoboye izindi (Leading case):** Urubanza ruyoboye izindi ni urubanza Urubanza N° RPA 0022/14/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 23/03/2018 haburana Ubushinjacyaha na BOGERE Barige, kuko arirwo rwaciwe mbere n’Urukiko rw’Ikirenga.

16. Gukubita no gukomeretsa byateye urupfu – ubwicanyi - gutandukanya ibyaha – gutandukanya ibi byaha bisuzumirwa mu cyakoreshejwe (intwari ishobora kwica) mu kumukubita no ku gice cy’umubiri cyakubiswe (mu cyico).

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RPAA 00161/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 28/11/2022 haburana Ubushinjacyaha na BAZIRAMWABO Fabien alias Museveni (igika cya 20, 27).

**Ikibazo umurongo ushingiyeho:** Ese hashingirwa kuki mu gutandukanya icyaha cy'ubwicanyi n'icyaha cyo gukubita no gukomeretsa undi ku bushake byateye urupfu?

**Umurongo imanza zihuriyeho:** Mu kumenya niba uwakubise undi ku bushake yari afite umugambi wo kumwica cyangwa niba yari agamije gusa kumukubita cyangwa kumukomeretsa bisuzumirwa mu cyakoreshejwe (intwaro ishobora kwica) mu kumukubita no ku gice cy'umubiri cyakubiswe (mu cyico).

**Izindi manza zafashwemo uyu murongo:**

- ❖ Urubanza N° RPAA 0110/10/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 31/01/2014 haburana Ubushinjacyaha na UWAMURENGEYE (Icyegeranyo cy'ibyemezo by'inkiko RLR V1-2014) p.133-140.
- ❖ Urubanza N° RPA 0142/10/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 19/09/2014 haburana Ubushinjacyaha na CYUMA MIRUHO (Icyegeranyo cy'ibyemezo by'inkiko, RLR V2- 2015) p.186.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00195/2020/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 27/05/2022 haburana Ubushinjacyaha na AYIRWANDA Emmanuel.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00357/2020/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 22/04/2022 haburana Ubushinjacyaha na HABİYAMBERE Justin.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00012/2021/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 27/04/2022 haburana Ubushinjacyaha na NAHIMANA Daniel.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00220/2020/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 30/05/2022 haburana Ubushinjacyaha na NZATUMABO Edouard.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00333/2021/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 19/9/2022 haburana Ubushinjacyaha na DUKUZUMUREMYI (igika cya 16).

- ❖ Urubanza N° RPAA 00441/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 21/10/2022 haburana Ubushinjacyaha na NKUBANA Samuel (igika cya 11-13).

**Urubanza ruyoboye izindi (Leading case):**

Urubanza ruyoboye izindi ni Urubanza N° RPAA 0110/10/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 31/01/2014 haburana Ubushinjacyaha na UWAMURENGEYE kuko rusobanura neza ibishingirwaho mu gutandukanya icyaha cy’ubwicanyi n’icyaha cyo gukubita no gukomeretsa byateye urupfu kandi rukaba rwaratoranijwe rugatangazwa mu cyegeranyo cy’ibyemezo by’inkiko nk’urutanga umurongo kuri iki kibazo (Icyegeranyo cy’ibyemezo by’inkiko RLR V1-2014) p.133-140).

17. Imanza z’inshinjabyaha – guhindura inyito y’icyaha mu bujurire – kutabuzwa guhindura inyito y’icyaha – igihe icyo aricyo cyose umucamanza afite uburenganzira n’inshingano byo guhuza inyito y’icyaha n’ibikorwa bigize icyaha.

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RPAA 00344/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 31/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na NSENGIYUMVA Vianney (igika cya 13).

**Ikibazo cyasuzumwe:** Ese Urukiko rwajuririwe rufite ububasha bwo guhindura inyito y’icyaha uregwa akurikiranyweho?

**Umurongo imanza zihuriyeho:** Guhindura inyito y’icyaha ni uburenganzira n’inshingano umucamanza afite mu gihe cyose asanga ibikorwa uregwa akurikiranyweho bidahuye n’inyito byahawe n’Inkiko zabanje, hakurikijwe ihame ry’uko umucamanza aregerwa ibikorwa bigize icyaha ataregerwa inyito yacyo.

**Izindi manza zafashwemo uyu murongo:**

- ❖ Urubanza N° RS/INJUST/Pen 00004/2017/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 23/02/2018, haburana Ubushinjacyaha na MUKARUYANGE Athanasie (igika cya 18).
- ❖ Urubanza N° RPA 0033/11/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 14/09/2012 haburana Ubushinjacyaha na NYAWERA Céléstin (igika cya 6).
- ❖ Urubanza N° RPAA 0307/11/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 24/02/2017 haburana Ubushinjacyaha na TWAGIRAMUNGU Jean Paul (igika cya 19- 21).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00064/2018/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 13/09/2019 haburana Ubushinjacyaha na NSANZUMUHIRE Jean Baptiste (Igika cya 29).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00195/2020/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 27/05/2022 haburana Ubushinjacyaha na AYIRWANDA Emmanuel.
- ❖ Urubanza N° RPA 00026/2020/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 28/01/2022 haburana Ubushinjacyaha na HABUMUGISHA Hamza.
- ❖ Urubanza N° RPA 00004/2020/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 29/11/2021 haburana Ubushinjacyaha na NIYOMWUNGERI Jean Bosco.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00333/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 19/9/2022 haburana Ubushinjacyaha na DUKUZUMUREMYI.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00444/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 28/11/2022 haburana Ubushinjacyaha na NDAYISHIMIYE Eric na BIZIMANA Boniface (igika cya 24).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00318/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 27/01/2023 haburana ubushinjacyaha na MINANI Jean Bosco (igika cya 28).



**Urubanza ruyoboye izindi (Leading case):**

Urubanza ruyoboye izindi ni Urubanza N° RS/INJUST/Pen 00004/2017/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 23/02/2018, haburana Ubushinjacyaha na MUKARUYANGE Athanasie kuko ari rwo rutanga umurongo werekana ko Urukiko rufite ububasha bwo guhindura inyito y’icyaha rwaregewe rukanagaragaza uko bigenda iyo Urukiko rumaze guhindura inyito.

18. Ubuhamya – Agaciro k’ubuhamya bushingiye ku mvugo z’umwana utarageza ku myaka 14 – ntibugomba gushingirwaho iyo butunganiwe n’ibindi bimenyetso.

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RPAA 00545/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 20/1/2023 haburana Ubushinjacyaha na MUGISHA Prince alias Kadogo (Igika cya 29-30).

**Ibibazo byasuzumwe:** Ese ubuhamya bushingiye ku mvugo z’umwana utarageza ku myaka 14, buhabwa agaciro ki?

**Ingingo y’itegeko umurongo ushingiyeho:**

✓ Ingingo ya 63, igika cya 4 y’Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n’itangwa ryabyo ivuga ko: « *Abana batarengeje imyaka 14 kimwe n’abantu bakuru badafite ubushobozi bemerewe gutanga ubuhamya mu nkiko batarahiye iyo babasha kubara inkuru y’uko byagenze ariko ubuhamya bwabo bugomba kunganirwa n’ibindi bimenyetso* »

✓ Ingingo ya 49 y’Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/9/2019 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’inshinjabyaha iteganya ko “ *Umwana utagejeje ku myaka cumi n’ine (14) yemerewe gutanga ubuhamya nk’umuntu mukuru. Umwana utagejeje ku myaka cumi n’ine (14) yumvwa atagombye kurahira ariko icyemezo cy’urukiko ntigishobora gushingira kuri ubwo buhamya bwonyine. Muri ibyo bihe, ubuhamya bw’umwana bugomba gushyigikirwa n’ibindi bimenyetso*”.

**Umurongo watanzwe:** Ubuhamya bushingiye ku mvungo ababutanga babwiwe n'umwana utarageza ku myaka 14 nta gaciro bwahabwa mu gihe butunganiwe n'ibindi bimenyetso.

### **Izindi manza zafashwemo uyu murongo**

❖ Urubanza N° RPAA 0133/10/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 07/11/2014 haburana Ubushinjacyaha na MVUYEKURE (igika cya 17)

❖ Urubanza N° RPAA 00405/2020/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 17/10/201 haburana Ubushinjacyaha na NIZEYIMANA Jean Pierre (igika cya 31)

❖ Urubanza N° RPAA 00146/2018/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 28/01/2022 haburana Ubushinjacyaha na UWAMAHORO Martin (igika cya 22)

❖ Urubanza RPAA 00107/2021/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 11/11/2022 haburana Ubushinjacyaha na NIYONSABA Félix (igika cya 27)

**Urubanza ruyoboye izindi (Leading case):** Ni Urubanza N° RPAA 0133/10/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 07/11/2014 haburana Ubushinjacyaha na MVUYEKURE Faustin kuko rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga runatangazwa mu Cyegeranyo [2015]4 RLR.

19. Ubuhamya bwemewe - ubuhamya butanzwe n'abakorewe icyaha n'abo bafitanye isano - Urukiko nirwo rusuzuma ireme ry'ubuhamya rushingiye ku bumenyi bw'ababutanga n'uburyo basobanura ibyo biboneye cyangwa bumvise, rukabigereranya n'ibindi bimenyetso.

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RPAA 00422/2021/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 27/1/2023 haburana Ubushinjacyaha na RUTINDUKA Charles (igika cya 25).

**Ikibazo cyasuzumwe:** Ese ubuhamya butanzwe n'abakorewe icyaha n'abafitanye isano nabo bwahabwa agaciro n'Urukiko?

**Ingingo y’itegeko umurongo ushingiyeho:** Ingingo ya 65 y’itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n’itangwa ryabyo iteganya ko: *“Urukiko ni rwo rwonyine rupima ko imikirize y’abatangabuhamya ihuye n’ikiburanwa, ifite ingingo zikiranuye kandi ikaba ikwiye kwemerwa cyangwa guhakanwa. Ntirwitsitsa ku mubare w’abatangabuhamya. Rwita cyane cyane ku bumenyi bwabo bw’ibyabaye, no ku buryo babivuga uko byagenze nta cyo bihimbira”.*

**Umurongo uhuriweho n’izindi manza:** Kuba umutangabuhamya afitanye isano n’uwahohotewe cyangwa ari uwahohotewe ubwe, ubwabyo ntibitesha agaciro ubuhamya. Urukiko nirwo rusuzuma ireme ry’ubuhamya rushingiye ku bumenyi bw’ababutanga n’uburyo basobanura ibyo biboneye cyangwa bumvise, rukabigereranya n’ibindi bimenyetso.

#### **Izindi manza zafashwemo uyu murongo**

❖ Urubanza N° RPAA0118/11/CS, rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 13/11/2015 haburana Ubushinjacyaha na NGURINZIRA, (igika cya 13 Vol [2017] 1 RLR)

❖ Urubanza N° RPAA0059/08/CS, rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 19/11/2010 haburana Ubushinjacyaha na Nshimiyimana Alexis n’abandi.

❖ Urubanza N° RPAA 00268/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 29/07/2022 rw’Ubushinjacyaha na NTAKIRUTIMANA Martin (igika cya 35)

**Urubanza ruyoboye izindi (Leading case):** Ni urubanza N° RPAA0118/11/CS, rwaciwe ku wa 13/11/2015 rw’Ubushinjacyaha na NGURINZIRA, kuko rwaciwe n’Urukiko rw’Icyegeranyo kandi rutangazwa mu cyegeranmyo (Vol [2017] 1 RLR)

20. Guhamwa no gucuruza ibiyobyabwenge - gucuruza ingano nto - kugabanyirizwa ibihano - uwahamwe no gucuruza ibiyobyabwenge ashobora kugabanyirizwa igihano mu rwego rwo guhuza igihano n'uburemere bw'icyaha.

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RPAA 00304/2021/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 30/1/2023 rw'Ubushinjacyaha na MUSABYIMANA Aboubakar (igika cya 19).

**Ikibazo cyasuzumwe:** Ese ingano nto uregwa gucuruza ibiyobyabwenge yafatanywe byamugirira akamaro akagabanyirizwa igihano?

**Umurongo uhuriwe n'izindi manza:** Urukiko rushobora kugabanya igihano rushingiye ku ngano y'ibiyobyabwenge ushinjwa yatunze cyangwa yacurujye, mu rwego rwo guhuza igihano n'uburemere bw'icyaha (Principe de la proportionnalité de la peine à l'infraction).

**Izindi manza zafashwemo uyu murongo:**

- ❖ Urubanza N° RPAA 00039/2021/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 02/07/2021 rw'Ubushinjacyaha na SHAKABATENDA Jean de Dieu.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00293/2021/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 15/07/2022 rw'Ubushinjacyaha na Murindahabi Jean de Dieu (Igika cya 35).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00408/2020/CA rwaciye n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 27/06/2022 haburana Ubushinjacyaha na NIYITEGEKA Augustin.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00132/2021/CA rwaciye n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 15/07/2022 haburana Ubushinjacyaha na UYISENGA Théogène.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00499/2021/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 22/07/2022 rw'Ubushinjacyaha na MBARUSHIMANA Damascène (Igika cya 26).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00307/2021/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 27/1/2023 haburana Ubushinjacyaha na MUTIMURA Félix (igika cya 21).

**Urubanza ruyoboye izindi (Leading case):** Ni Urubanza Urubanza N° RPAA 00039/2021/CA rwaciwe ku wa 02/07/2021 rw'Ubushinjacyaha na SHAKABATENDA Jean de Dieu kuko arirwo rwaciwe mbere kuri iki kibazo.

21. Guhinga cyangwa kubika urumogi ruke - ntibifatwa nko guhinga cyangwa kubika urumogi bivugwa mu ngingo ya 263 igika cya 3 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyaga ibyaha n'ibihano muri rusange – bifatwa nk'uwari ugamije kubyikoreshereza - agahabwa igihano gito.

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RPAA 00318/2021/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 27/01/2023 haburana ubushinjacyaha na MINANI Jean Bosco (igika cya 34-35).

**Ikibazo cyasuzumwe:** Ese uregwa ufatanywe ingano nto y'urumogi yahinze cyangwa yabitse yahanwa hashingiwe ku gufatanwa ibiyobyabwenge agamije kubigurisha no kubikwirakwiza?

**Umurongo uhuriweho n'izindi manza:** Iyo nta bimenyetso bigaragaza ko uregwa wafatanywe ingano nto y'ibiyobyabwenge yahinze cyangwa yabitse yari agamije kubikwirakwiza no kubigurisha, afatwa nk'uwari ugamije kubyikoreshereza (simple drug possession) aho kubicuruzwa no kubikwirakwiza (drug trafficking /drug distribution), agahabwa ibihano bito.

**Izindi manza zafashwemo uyu murongo:**

- ❖ Urubanza RPAA 00147/2022/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 17/06/2022 haburana Ubushinjacyaha na BUTERA Gedeon (igika cya 19, 20).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00132/2021/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 15/07/2022 haburana Ubushinjacyaha na UYISENGA Théogène alias Rasta.
- ❖ Urubanza N° RPAA 00200/2020/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 27/07/2022 haburana Ubushinjacyaha na HAKIZIMANA Eric (igika cya 33).

❖ Urubanza N° RPAA 00327/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 27/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na MUSIRIKARE Jean Damascène (igika cya 22-25).

❖ Urubanza N° RPAA 00335/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 27/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na SINDIKUBWABO UWABAKURIKIZA (igika cya 29).

❖ Urubanza N° RPAA 00498/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 27/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na RUBAYIZA Alexis (igika cya 12,16).

**Urubanza ruyoboye izindi:** Urubanza RPAA 00147/2022/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 17/06/2022 haburana Ubushinjacyaha na BUTERA Gedeon, igika cya 19, 20 kuko arirwo rwafashe icyemezo bwa mbere kuri uyu murongo.

22. Umucuruzi w’ibiyobyabwenge - ibimenyetso by’uko ari umucuruzi wabyo - kutaba ngombwa ko asanganwa abaguzi - igihe cyose abifatanywe kandi bigaragara ko yiteguye kubiha umuntu wese umugana ashaka kubigura, aba ari umucuruzi wabyo.

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RPAA 00354/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 31/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na TWIZERIMANA Cyprien (igika cya 21).

**Ibibazo byasuzumwe:** Ni iki gishingirwaho ngo hemezwe ko uwafatanywe ibiyobyabyenge ari umucuruzi wabyo?

**Umurongo imanza zihuriyeho:** Umuntu ntagirwa umucuruzi w’ibiyobyabwenge no kuba hari abaguzi babonetse aho acuririza, ahubwo igihe cyose afite ibicuruzwa kandi yiteguye kubiha umuntu wese umugana ashaka ibyo agurisha, aba ari umucuruzi w’ibiyobyabwenge.

**Izindi manza zafashwemo uyu murongo**

❖ Urubanza N° RPAA 00293/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 15/07/2022 haburana Ubushinjacyaha na Murindahabi Jean de Dieu (igika cya 30)

❖ Urubanza N° RPAA 00436/2020/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 28/06/2022 haburana Ubushinjacyaha na AHIMPEREYE NDEZE François (Igika cya 19).

❖ Urubanza N° RPAA 00466/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 27/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na NSENGIYAREMYE Elie (Igika cya 12).

**Urubanza ruyoboye izindi (Leading case):** Urubanza ruyoboye izindi ni urubanza Urubanza N° RPAA 00436/2020/CA rwaciwe ku wa 28/06/2022 rw’Ubushinjacyaha na AHIMPEREYE NDEZE François

23. Imanza z’inshinjabyaha – impamvu z’ubujurire – ese umuburanyi wagabanyirijwe igihano ashobora kujurira agamije gusaba gusa ko yongera kugabanyirizwa? - buri mucamanza ku rwego urwo arirwo rwose, yemerewe gutanga igihano mu bushishozi bwe kijyanye n’uburemere bw’icyaha ndetse n’ingaruka zacyo ariko mu bujurire Umucamanza agomba kuzirikana ko yemerewe gusa guhindura igihano cyatanzwe, ari uko amaze kugaragaza ko urukiko rubanza rwaba rwarakoresheje itegeko cyangwa ubushishozi bwarwo nabi mu gutanga icyo gihano.

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RPAA 00408/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 20/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na NYIRISHEMA Fiston (igika cya 13)

**Ikibazo cyasuzumwe:** Ese umuntu wagabanyirijwe igihano ashobora kujurira agamije gusaba gusa ko yongera kugabanyirizwa?

**Umurongo uhuriweho n'izindi manza:** Iyo abaregwa nta kindi banenga urubanza rwajuririwe uretse kuvuga gusa ko batagabanyirijwe bihagije, buri mucamanza ku rwego urwo arirwo rwose, yemerewe gutanga igihano mu bushishozi bwe kijyanye n'uburemere bw'icyaha ndetse n'ingaruka zacyo ariko ko mu bujurire, Umucamanza agomba kuzirikana ko yemerewe gusa guhindura igihano cyatanzwe mu Rukiko rubanza, ari uko amaze kugaragaza ko urwo Rukiko rwaba rwarakoresheje itegeko cyangwa ubushishozi bwarwo nabi mu gutanga icyo gihano.

**Izindi manza zafashwemo uyu murongo:**

- ❖ Urubanza N° RPA 00060/2021/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa haburana Ubushinjacyaha na Nsabimana Callixte alias Sankara n'abandi, (igika cya 252-254).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00486/2021/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 27/01/2023, haburana Ubushinjacyaha na MANIRIHO Cyprien alias BUREGEYA (igika cya 14).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00132/2022/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 27/01/2023, haburana Ubushinjacyaha na NTIRENGANYA Emmanuel (igika cya 14).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00109/2022/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ukirenga ku wa 27/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na MUGUME God (igika cya 19).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00379/2021/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 20/01/2023 rw'Ubushinjacyaha na HAKIZIMANA Melan (igika cya 20).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00464/2021/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 20/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na BIZIMANA Moussa (igika cya 16).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00393/2021/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 27/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na NSABIMANA Jean (igika cya 17).



❖ Urubanza RPAA 00302/2021/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 27/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na HABINSHUTI Samuel (Igika cya 17).

**Urubanza ruyoboye izindi:** Urubanza ruyoboye izindi ni Urubanza N° RPA 00060/2021/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 04/04/2022 haburana Ubushinjacyaha na Nsabimana Callixte alias Sankara na bagenzi be (igika cya 252-254).

24. Imanza z'inshinjabyaha - ubusembure – igisobanuro cy'ubusembure - kugira ngo igikorwa cyitwe icy'ubusembure ni uko uwakorewe icyaha aba ari we wabaye nyirabayazana wacyo.

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RPAA 00161/2021/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 28/11/2022 haburana Ubushinjacyaha na BAZIRAMWABO Fabien alias Museveni (igika cya 32).

**Ikibazo umurongo ushingiyeho:** Ni ryari uwakorewe igikorwa runaka bifatwa ko ari icy'ubusembure?

**Ingingo umurongo ushingiyeho:** Ingingo ya 56 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyaga ibyaha n'ibihano muri rusange ivugaga ko «Igihe habaye ubusembure, umucamanza agaragaza mu cyemezo cy'urukiko ingingo zerekana ko imyitwarire y'uwakorewe icyaha ari yo yatumye icyo cyaha gikorwa».

**Umurongo watanzwe:** Kugira ngo ubusembure bwemerwe, ni uko uwakorewe icyaha ari we wabaye nyirabayazana wacyo.

**Izindi manza zafashwemo uyu murongo:**

❖ Urubanza N° RPA0154/13/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 08/12/2017 haburana Ubushinjacyaha na Habyarimana Festus n'abandi (igika cya 51). (Icyegeranyo cy'ibyemezo by'inkiko RLR- V.3- 2018).

- ❖ Urubanza N° RPAA038/15/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 15/09/2017 haburana Ubushinjacyaha na Sezikeye Emmanuel.

25. Iteka rya Minisitiri risobanura itegeko – igihe ritangirira gukurikizwa - rifatwa nk’igice cy’itegeko risobanurwa, rikaba rigomba gukurikizwa kuva umunsi itegeko risobanurwa ryatangajwe mu Igazete ya Leta.

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza RPAA 00049/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 23/09/2022 haburana Ubushinjacyaha na UWASE Farida (igika cya 28).

**Ikibazo cyasuzumwe:** Ese Iteka rya Minisitiri risobanura itegeko risohotse hashize igihe itegeko risobanurwa ririho, rishobora kugenga ibikorwa byakozwe mbere y’uko iryo Teko ritangazwa mu Igazeti ya Leta?

**Umurongo uhuriweho n’izindi manza:** Iteka rya Minisitiri rifite kamere y’itegeko risobanura irindi rifatwa nk’igice cy’iryo tegeko, rikaba rigomba gusubira inyuma (effet rétroactif), rigakurikizwa kuva umunsi itegeko ryasobanuye ryatangajwe mu Igazete ya Leta.

**Izindi manza zafashwemo uyu murongo:**

- ❖ Urubanza N° RPAA 00036/2021/CA, rwaciwe ku wa 23/09/2022 haburana Ubushinjacyaha na URAYENEZA Cyriaque (igika cya 25)
- ❖ Urubanza N° RPAA 0085/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 18/11/2022, haburana Ubushinjacyaha na INGABIRE Suzuki (igika cya 22).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00031/2021/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 28/10/2022, haburana Ubushinjacyaha na BAHATI Françoise

**Urubanza ruyoboye izindi:** Urubanza ruyoboye izindi ni Urubanza N° RPAA 00036/2021/CA, rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire ku wa 23/09/2022 haburana

Ubushinjacyaha na URAYENEZA Cyriaque, kuko arirwo rusobanura neza impamvu hadakwiye gukurikizwa umurongo wari watanzwe mu:

-Rubanza N° RPAA 00155/2020/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 04/06/2021 haburana Ubushinjacyaha na BUCYEYE Pascal n'

-Urubanza N° N° RPAA 00019/2021/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 25/06/2021 haburana Ubushinjacyaha na MUREKATETE Immaculée.

Aho zari zaremeje ko Iteka rya Minisitiri n° 001/MoH/2019 ryo ku wa 11/03/2019 rishyiraho urutonde rw'ibiyobyabwenge n'ibyiciro byabyo ritashingirwaho kuko ryashyize Urumogi mu biyobyabwenge **bihambaye** bihanishwa igihano kiremereye, bityo abaregwa bagahanwa hakurikije ibihano byateganyijwe ku byerekeye ibiyobyabwenge byoroheje.

26. Imanza z'inshinjabyaha - alibi (sinari mpari)- uburanisha alibi (sinari mpari) - niwe ugira inshingano yo kugaragaza ko atashoboraga gukora icyaha aregwa, kuko atari ari aho cyakorewe igihe cyakorwaga

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RPAA 00371/2020/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 15/12/2022, haburana Ubushinjacyaha na SEZIKEYE François (igika cya 12).

**Ikibazo umurongo ushingiyeho:** Kugira ngo ukuburanisaha sinari mpari (*alibi*) byemerwe hagomba kugaragazwa iki?

**Umurongo watanzwe:** Uburanisha sinari mpari (*alibi*) niwe ugira inshingano yo kugaragaza ko atashoboraga gukora icyaha aregwa, kuko atari ari aho cyakorewe igihe cyakorwaga. Ubushinjacyaha nabwo bukagira inshingano yo kugaragaza bidashidikanywaho ko ariwe wakoze icyo cyaha, kandi ko ibyo aburanisha atari ukuri kuko yari ahari igihe icyaha cyakorwaga.

27. Kugabanya igihano – impaka ku kugabanya igihano kugera munsu y'igihano gito giteganywa n'itegeko - ntibikwiye kongera kugibwaho impaka mu nkiko, kuko byafashweho umurongo mu manza zitandukanye hemezwa ko ntagikwiye kubuza umucamanza kugena igihano gihwanye n'uburemere bw'icyaha cyakozwe.

**Urubanza rwasuzumwe:** Urubanza N° RPAA 00379/2021/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 20/01/2023 rw'Ubushinjacyaha na HAKIZIMANA Melan (igika cya 18).

**Ikibazo umurongo ushingiyeho:** Ese ibijyanye no kugabanya igihano kugera munsu y'igihano gito, ni ikibazo gikwiye gukomeza kugibwaho impaka mu Rukiko?

**Umurongo watanzwe:** Ibijyanye no kuba Urukiko rwagabanya igihano rukajya munsu y'igihano gito giteganywa n'itegeko, ntibikwiye kongera kugibwaho impaka, kuko byafashweho umurongo mu manza zitandukanye rwemeza ko ntagikwiye kubuza umucamanza kugena igihano gihwanye n'uburemere bw'icyaha cyakozwe.

**Izindi manza zafashwemo uyu murongo:**

- ❖ Urubanza N° RPAA 00109/2022/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 27/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na MUGUME God (igika cya 17).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00464/2021/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 20/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na BIZIMANA Moussa (igika cya 17).
- ❖ Urubanza N° RPAA 00408/2021/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 20/01/2023 haburana Ubushinjacyaha na NYIRISHEMA Fiston (igika cya 19).

V. ITANGWA RY'IBIHANO

1. Imanza zagabanyije igihano

1. icyaha: Gusambanya umwana/ gukoresha undi imibonano mpuzabitsina ku gahato

S/N	Urubanza	Ababuranyi	Impamvu	Igihano giteganyirijwe n'itegeko	Igihano cyatanzwe
1.	N° RPAA 00488/2021/CA rwaciwe ku wa 27/1/2023	UBUSHINJACYAHA Na HAFASHIMANA Silas	Urukiko rw'Ubujurire rwamugabanyirije igihano rushingiye ku mpamvu <b>nyoroshyacyaha yo kuba yarakoze icyaha afite imyaka cumi n'icyenda (19)</b>	<i>Ingingo ya 133 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyira ibyaha n'ibihano muri rusange nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, iteganyira ko uwahamwe n'icyaha cyo gusambanya umwana uri munsi y'imyaka cumi n'ine (14), igihano kiba igifungo cya burundu.</i>	<b>Urukiko rwamuhanishije igifungo cy'imyaka 15</b> aho kuba icya burundu yari yahawe ku rwego rubanza ku cyaha cyo gusambanya umwana w'umuhungu w'imyaka itanu (5).
2.	N° RPAA 00316/2021/CA rwaciwe ku wa 27/01/2023	UBUSHINJACYAHA Na IYAKAREMYE Zakayo.	Urukiko rw'Ubujurire rwamugabanyirije igihano rushingiye ku mpamvu <b>nyoroshyacyaha yo kuba yarakoze icyaha aribwo akiva mu bwana kuko yari afite imyaka 18 n'amezi 3</b> no kuba <b>yaremeye icyaha.</b>	<i>Idem</i>	<b>Urukiko rwamuhanishije igifungo cy'imyaka 15</b> aho kuba icy'imyaka 25 yari yahawe ku rwego rubanza ku cyaha cyo gusambanya umwana utarageza ku myaka 14 y'amavuko.
3.	N° RPAA 00545/2021/CA rwaciwe ku wa 20/1/2023	UBUSHINJACYAHA Na MUGISHA Prince alias Kadogo	Urukiko rw'Ubujurire rwamugabanyirije igihano rushingiye ku <b>kuba ari ubwa mbere yari akurikiranywe n'inkiko kandi akaba yari asanzwe yitwara neza muri sosiyete,</b> ndetse akaba yarakoze	<i>Idem</i>	Urukiko rwamuhanishije <b>igifungo cy'imyaka 20</b> aho kuba icya burundu yari yahawe ku rwego rubanza ku cyaha cyo gusambanya abana babiri bari munsi y'imyaka cumi n'ine (14).

			icyaha <b>akiva mu bwana kuko yari afite imyaka cumi n'icyenda (19).</b>		
4.	N° RPAA 00181/202 1/CA rwaciwe ku wa 30/12/202 2.	UBUSHINJ ACYAHA na MIZERO Eric.	Urukiko rw'Ubururire rushingiye ku mpamvu nyoroshyacyaha ijyanye no <b>kuba ariho yari akiva mu bwana kuba nta bundi yigeze akurikiranwaho icyaha bivuze ko yari usanzwe yitwara neza muri sosiyete.</b>	<i>Gusambanya umwana, icyaha giteganywa kandi gihanwa n'ingingo ya 133 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018, iyo ugihamijwe uhanishwa igifungo kitari munsu y'imyaka makumyabiri (20) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25).</i>	Urukiko rwamuhanishije igifungo <b>cy'imyaka icumi (10)</b> ku cyaha cyo gusambanya umwana w'imyaka 16 y'amavuko aho kuba gifungo cy'imyaka makumyabiri (20).
